# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-18 | TARIKI 17 - 23 KAMENA 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw


Kwibuka
kwibuka twiyubaka
31


AMAKURU

Amazi agiye kujya yishyurwa mbere nkuko bikorwa ku muriro w'amashanyarazi



2

AMAKURU

Imurikabikorwa 18: Guhanga udushya mu buhinzi ni igisubizo ku kongera umusaruro



7

MU NTARA

Nyagatare: U Rwanda na Uganda mu ngamba zo gukumira ibyaha byambukiranya imipaka



16


IMYIDAGADURO

Element Eleeeh agiye gutarama muri Rwanda convention



22


# FPR- Inkotanyi na CPC biyemeje kwagura imikoranire



Umuryango RPF- Inkotanyi n'ishyaka Communist Party of China riri ku butegetsi mu Bushinwa basinyanye amasezerano y'imikoranire

***Umuryango FPR- Inkotanyi wasinyanye amasezerano mashya n'Ishyaka Communist Party of China riri ku butegetsi mu Bushinwa, agamije kongera imbaraga mu mikoranire nyuma y'imyaka 20 impande zombi zifitanye umubano mwiza.***

KOMEZA KU RUP.3

## Ubukungu bw'u Rwanda bwiyongereyeho 7,8 mu ntangiriro za 2025

**NTAWITONDA Jean Claude**

**Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) cyatangaje ko ubukungu bw'u Rwanda bwiyongereyeho 7,8 mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2025 ugera kuri miliyari 5.255 z'amafaranga y'u Rwanda, uvuye kuri miliyari 4.486 z'amafaranga yariho mu gihembwe cya mbere cya 2024.**

KOMEZA KU RUP.3

# U Rwanda rwiyemeje kongera ikoranabuhanga mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma yiyemeje kongera ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga mu Ishuri Rikuru ry'Ubuyobozi rya Gisirikare ry'Ingabo z'u Rwanda (RDF Command and Staff College) riherereye i Nyakinama mu Karere ka Musanze kuko rifite umumaro mu gutyaza ubumenyi bw'abayobozi mu nzego z'umutekano z'u Rwanda ndetse n'ibihugu by'inshuti.***

Ku wa Mbere tariki ya 16 Kamena, muri iri shuri riherereye mu Karere ka Musanze habereye ibirori byo gusoza amasomo kw'abakora mu nzego z'umutekano 108 bagize icyiciro cya 13 gisoje amasomo y'umwaka y'ubuyobozi barimo n'abaturutse mu bihugu 19.

Minisitiri w'Intebe Dr. Ngirente Edouard wahagarariye Perezida wa Repubulika akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda Paul Kagame, ni we wayoboye ibyo birori byari bibereye ijisho byitabiriwe n'abayobozi batandukanye ndetse n'abo mu miryango yasoje amasomo.

Dr. Ngirente yashimangiye ko Ishuri Rikuru ry'Ubuyobozi rya Gisirikare rigira uruhare rukomeye mu gutegura abayobozi kunyura mu bibazo by'umutekano biriho muri iyi minsi bemye.

Yavuze ko Iryo shuri rirenze kuba ikigo gusa ahubwo ari umusingi wubakirwaho ahazaza h'ingabo n'izindi nzego z'umutekano.




**U Rwanda rwiyemeje kongera ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga mu Ishuri Rikuru ry'Ubuyobozi rya Gisirikare ry'Ingabo z'u Rwanda**

Ati: "Binyuze muri iyi gahunda abofisiye bakuru bacu babonye ubunararibonye mu bya gisirikare ndetse n'ubumenyi bubafasha kumva ko biteguye gukera kinyamwuga mu bihe by'umutekano muke wiyongera. Uyu munsi, Isi igaragaramo ibibazo bishya, harimo intambara yo ku ikoranabuhanga, amakimbirane ya hato na hato, ikwirakwira ry'amakuru y'ibihuha n'ibinyoma ndetse n'ibibazo mpuzamahanga by'ubuzima."

Yakomeje agaragaza ko ibyo bibazo hamwe n'ibindi bitandukanye bigenda bivuka byose bisaba abayobozi basesengura, bafite ubushobozi bwo guhindukana na byo kandi bafata ibyemezo byihuse byuje ubudakemwa.

Ati: "Guteza imbere ubuyobozi nk'ubwo ni wo mutima w'amahugurwa atangirwa hano. Ni muri urwo rwego Guverinoma y'u Rwanda ikomeje gushora imari mu kubaka ubushobozi, kongera ibikorwa remezo no kwimakaza iterambere ry'ikoranabuhanga mu gushyigikira iri shuri rikuru."

Nanone kandi yashimiye ibihugu 19 byohereje abofisiye basoje amasomo, ashimangira ko ubwitabire bwabo muri iri shuri ryemewe ku rwego mpuzamahanga, bigaragaza agaciro k'ubutwererane n'ubufatanye mu kwimakaza ubushobozi bw'inzego za gisirikare n'iz'umutekano.

Umuyobozi Mukuru w'iryo shuri Brig. Gen. Nyamvumba, yashimangiye ko biyemeje gutanga uburezi n'amahugurwa by'indashyikirwa kandi akora ahantu hose mu gukemura ibibazo by'umutekano bikeneye ibisubizo muri iyi minsi.

Col. Dr. Dan Gatsinzi wo mu Ngabo z'u Rwanda (RDF), ni we wahawe igihembo cy'umunyeshuri witwaye neza kurusha abandi.

Mu basoje amasomo, 70 muri bo bahawe impamyabumenyi y'Iciyiciro cya Gatatu cya Kaminuza (Master's Degree) mu Ishami ry'Ubumenyi Rusange n'Umutekano itangwa na Kaminuza y'u Rwanda.

Uretse u Rwanda, abitabiriye baturutse mu bindi bihugu birimo Benin, Botswana, Burkina Faso, Repubulika ya Santarafurika, Eswatini, Ethiopia, Ghana, Guinea, Ubwami bwa Yorodaniya (Jordan), Kenya, Malawi, Mali, Mozambique, Niger, Nigeria, South Sudan, Tanzania, Uganda, na Zambia.

Mu baboyobozi bitabiriye harimo Minisitiri w'Ingabo Juvenal Marizamunda, Minisitiri Ushinzwe Imirimo y'Inama y'Abaminisitiri Ines Mpambara, Minisitiri w'Umutekano Dr Vincent Biruta, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Dr Patrice Mugenzi, Minisitiri w'Uburezi Joseph Nsengimana na Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo Paula Ingabire.

Ibyo birori kandi byitabiriwe n'Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda Gen. Mubarakh Muganga, abagaba b'ingabo ndetse n'abayobozi ba Polisi y'u Rwanda n'ab'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Igorora (RCS), abahagarariye izindi nzego z'umutekano ndetse n'abayobozi bo muri Kaminuza y'u Rwanda no mu nzego z'ibanze.



**Agakarita ko gushyiraho amafaranga y'amazi, akajya yishyurwa mbere ukojeje ku kamashini kabugenewe**

# Amazi agiye kujya yishyurwa mbere nkuko bikorwa ku muriro

**KAMALIZA Agnes**

***Ikigo gishinzwe gukwirakwiza Amazi, Isuku n'Isukura, WASAC, cyatangaje ko mu gihugu hose hagiye gutangizwa uburyo bushya bw'ikoranabuhanga aho amazi azajya yishyurwa mbere nkuko bisanzwe bikorwa ku muriro w'amashanyarazi.***

Umuyobozi Mukuru wa WASAC, Prof Omar Munyaneza, yavuze ko iri koranabuhanga rigiye gukwirakwizwa nyuma y'igerageza ryakorewe ku mavomo rusange mu Turere twa Rwamagana, Kayonza, Gatsibo na Nyagatare.

Abakoresha ayo mavomo yageragerejweho bashyira amafaranga ku ikarita bakayikoza ku mashini ishyirwa kuri robine ku buryo avoma amazi ahwanye n'amafaranga yishyuye.

Prof Omar yasobanuye uko iyo karita ikora agira ati: "Umuturage azajya afata akantu kameze nk'igiceri kitwa 'token', cyangwa abamenyereye Tap&Go, akagenda akajya ku ivomo agashyiraho niba yashyizeho igiceri cye cy'ijana ubwo niba ari ijerekani agakatwa amafaranga 20, ejo yagaruka ikongera kugeza ya mafaranga ashizeho akongera agashyiraho andi."

Asobanura ko iryo geragezwa basanze rikora neza ku mavomo rusange uko ari 200 ubu bigiye gukwizwa mu gihugu kandi na ba Rwiyemezamirimo bamaze kuboneka.

Yagize ati: "Bivuze ko nka kuriya mukoresha za kashi pawa mugura umuriro, ni byo dushaka no gukoresha mu mazi ubu twamaze guhamagara abantu bashaka kujyanamo na WASAC itangazo ryarasohotse kugira ngo baze dutangire dukore igerageza bamwe muzabibona muri iyi minsi mu ngo zanyu muraza kubona hari abo tugiye kuzishyiriraho."

Prof. Omar yongeyeho ko ubwo buryo nibabona buri kugenda neza mu gihe cy'amezi atandatu, bazabyagura bigakorwa mu gihugu hose.

Yongeyeho ko ubwo buryo buzafasha abaturage kwicungira amazi bakoresha, biruhure abajyaga bavuga ko bahawe fagitire idahwanye n'amazi bakoresheje ndetse binafashe WASAC kubona amafaranga byoroshye.






# Umuryango FPR- Inkotanyi wasinyanye amasezerano n'Ishyaka riri ku butegetsi mu Bushinwa

IBIKURIKIRA URUP.1

Ayo masezerano yashyizweho umukono ku wa Gatanu tariki ya 20 Kamena 2025, impande zombi zemeranyije gufatanya no gusangira ubumenyi mu byo kubungabunga ingoro ndangamuco n'amateka n'andi agamije gushinga Ishuri rya Politiki mu Rwanda.

Umujyanama Mukuru w'Umunyamabanga Mukuru wa FPR Inkotanyi, Musoni Protais, yavuze ko aya masezerano azafasha impande zombi gukomeza kwagura umubano n'ubufatanye.

Yagize ati: "Icya 1 ni ukureba inzu ndangamuco izerekana urugendo rwo kubohora u Rwanda kwa RPF bibera ku Mulindi kuri uyu wa Gatandatu. Akamaro kabyo ni ukugira ngo n'ejo n'ejobundi abatazi uko byagenze bazajye babona aho bajya biberebe."



**Hashize imyaka igera muri 20 impande zombi zifitanye umubano mwiza**

Turifuza ko izagira nk'ibice 3, byerekana mbere yo gutegura urwo rugamba uko byari bimeze, mu gihe cy'urugamba ndetse turebe na nyuma yaho na kera kugira ngo umwana n'utaravuka ubungubu najyamo ashobore kuba yareba urwo rugendo. Binamutegurire na we icyo agomba gukora ngo ya ndoto igerweho.

Iya kabiri ni ukureba uko twakubaka ishuri rya politiki rizajya ritegura abayobozi muri RPF ndetse n'abandi n'ubwo byaba mu bikorera, ishuri rishobora kuba rihamye rigategurira Igihugu abayobozi bazakiyobora igihe kirekire.

Mbere yo gushyira umukono ku masezerano, uwari ukuriye intumwa z'ishyaka Communist Party of China riri ku butegetsi mu Bushinwa Hao Huijie n'itsinda yari ayoboye babanje gusura urwibutso rya Jenoside rwa Kigari basobanurirwa amateka, banabona umwana wo kunamira imibiri y'abashyinguye muri urwo rwibutso.

Banasuye kandi Ingoro y'Amateka y'Urugamba rwo guhagarika Jenoside iri mu Ngoro y'Inteko ishinga Amategeko, basobanuriwe uko urugamba rwo guhagarika Jenoside rwagenze bigizwemo uruhare rw 'ubutwari bw'ingabo za APR zahoze ari iz'Umuryango FPR- Inkotanyi.

Mu isinywa ry'aya masezerano Ishyaka Communist Party of China ryari rihagarariwe na Hao Huijie, uyoboye itsinda riri mu ruzinduko rw'akazi mu Rwanda.

Umubano utajegajega wa FPR- Inkotanyi n'Ishyaka rya Communist Party of China(CPC) umaze igihe kinini no muri Nyakanga 2023 iyo mitwe yombi yasinyanye amasezerano yo guhananaha ubumenyi mu miyoborere.

Uretse kuba FPR- Inkotanyi na CPC bihuriye ku kuba ari amashyaka ayoboye ibihugu abarizwamo, ni n'amwe yagize uruhare runini mu rugamba rwo kubohoza ibihugu byayo.

Ubufatanye bw'u Rwanda n'u Bushinwa buri mu nzego zitandukanye zirimo ubuvuzi, ubukerarugendo, ishoramari, uburezi, inganda, ibikorwa remezo n'ibindi.

# Ubukungu bw'u Rwanda bwiyongereyeho 7,8 mu ntangiriro za 2025

IBIKURIKIRA URUP.1

Serivisi ni zo zagize uruhare runini mu izamuka ry'umusaruro mbumbe wose aho zihariye 46%, mu gihe ubuhinzi bwagize 24%, inganda zigira 23%, ibindi bisigaye bigira 7%.

Muri rusange Umusaruro Mbumbe w'Igihugu (GDP) wiyongereyeho 7,8 aho ubuhinzi bwiyongereyeho 2%, inganda ziyongeraho 9% mu gihe serivisi na rwo rwiyongereyeho 9%.



**Ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kuzamuka**

### Ubuhinzi

Umusaruro rusange w'ubuhinzi wageze wiyongereyeho 2% maze ugira uruhare rwa 0.4% ku Musaruro Mbumbe w'Igihugu, aho mu buhinzi, umusaruro w'ibiribwa wamanutse ku kigero cya 1%. Umusaruro w'ubuhinzi woherejwe mu mahanga wiyongereyeho 3%.

### Inganda

Izamuka ry'umusaruro mu nganda wazamutseho 9% maze utanga umusanzu wa 1.7% ku izamuka ry'Umusaruro Mbumbe w'Igihugu. Mu rwego rw'Inganda, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri byagabanyutse ku kigero cya 3%, ibikorwa by'ubwubatsi bizamuka ku kigero cya 13% mu gihe ibikorerwa mu nganda bitandukanye byiyongereyeho 7%.

Izamuka ry'ibikorerwa mu nganda ryayobowe n'ubwiyongere bwa 22% mu gukora ibikoresho by'ibyuma, iby'imashini ndetse n'ibikoresho byo mu nzu, izamuka ry'ibicuruzwa bitari ibyuma, izamuka rya 15% mu gukora ibicuruzwa by'ibinyabutabire, n'ibikoresho bya pulasitiki, ndetse n'izamuka mu gukora ibicuruzwa mu biti, impapuro no gucapa.

Ku birebana no kongerera agaciro ibiribwa byazamutse ku kigero cya 2% mu gihe imyenda n'ibikomoka ku mpu byamanutse ku kigero cya 4%.

### Serivisi

Izamuka rya serivizi muri rusange ryageze ku 9% rikaba ryaragize uruhare rwa 4.7% mu musaruro mbumbe w'Igihugu.

Muri serivisi, ubucuruzi bwo kuranguza no kudandaza bwiyongereye ku kigero cya 14%, ubwikorezi bwiyongera ku kigero cya 4%.

Mu zindi serivisi, hoteli na resitora byazamutse ku kigero cya 5%, na serivisi z'itumanaho n'isakazamakuru bizamuka ku kigero cya 19%.

Serivisi z'imari zazamutse ku kigero cya 8%, serivisi z'inzego za Leta ziyongera ku kigero cya 14%, serivisi z'ubrezi zizamuka kuri 5% na ho iz'ubuzima zimanukaho 1%.

# U Rwanda na RDC basinyanye andi masezerano y'integuza

NTAWITONDA Jean Claude

***U Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), byasinyanye amasezerano agena ingingo ngari zigomba kuzasinywa na ba Minisitiri b'Ububanyi n'Amahanga, hagamijwe gushaka umuti urambye ku bibazo by'umutekano mu Burasirazuba bwa RDC***

Ni amasezerano yasinywe n'amatsinda ya tekinike ahagarariye RDC n'u Rwanda yakurikiwe n'Umunyamabanga wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika wungirije ushinzwe ibikorwa bya Politiki Allison Hooker.

Aya masezerano arategura ateganywa gusinywa na ba Minisitiri b'u Rwanda na RDC ku wa 27 Kamena 2025, akazakurikiranwa n'Umunyamabanga wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Marco Rubio.

U Rwanda rwari ruhagarariwe na Ambasaderi warwo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Amb Mathilde Mukantabana.

Aya masezerano yubakiye ku y'ibanze yasinywe ku wa 25 Mata 2025 agena amahame agenderwaho mu rugendo rwo guharanira amahoro akaba yasinywe nyuma y'ibiganiro byamaze iminsi itatu bigaruka ku nyungu za Politiki, umutekano n'ubukungu.

Ayo masezerano mashya akubiyemo ibikwiye kwitabwaho mu kubaka ubusugire bw'ikindi gihugu no kwirinda gushoza intambara, guhagarika gukorana n'imitwe yitwaje intwaro, kwambura intwaro no gusubiza mu buzima busanzwe imitwe yitwaje intwaro iva mu bindi bihugu.

Mu bindi kandi bikubiyemo harimo gushyiraho Itsinda rihuriweho rishinzwe gukurikirana ibikorwa by'umutekano wambuka imipaka ishyira mu bikorwa inyandiko y'ibikorwa mu bya gisirikare bita "Concept of Operations (CONOPS) yemejwe ku wa 31 Ukwakira 2024.

Nanone kandi amasezerano yasinywe ku wa Gatatu tariki ya 18 Kamena, akubiyemo ibijyanye no koroshya urugendo rwo gucyura impunzi zahungiye mu mahanga ndetse n'abakuwe mu byabo bakiri mu gihugu, ndetse no korohereza ibikorwa by'ubutabazi n'uburyo bwo gushyira imbaraga ukwihuza kw'Akarere.

Mu rwego rwo kurushaho guhuza imbaraga USA na Qatar bashyira mu guhuza ibihugu byombi, Leta ya Qatar na yo yahagarariwe muri ibyo biganiro mu gushimangira ubwuzuzanye hagati ya gahunda z'ubuhuza byatangiye bushingiye ku biganiro no kwimakaza amahoro mu Karere.

U Rwanda na RDC byashimiye umusanzu utagira uko usa w'ubuhuza bwa USA na Qatar nk'abafatanyabikorwa mu gushaka igisubizo gishingiye ku kubungabunga.

Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zavuze ko ziteguye kwakira Inama izahuza Abakuru b'Ibihugu ba RDC n'u Rwanda i Washington mu kurushaho kwimakaza amahoro, umutekano n'iterambere ry'ubukungu mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Itangazo ryashyizwe hanze n'Ibiro by'Umuvugizi wa Guverinoma ya USA, riragira riti: "Dutewe ishema no kuyobora ibiganiro by'amahoro by'iminsi itatu, byasojwe no gusinya amasezerano y'amahoro n'amatsinda yaturutse mu Rwanda na RDC. Mu cyumweru gitaha twiteguye kwakira ba Minisitiri b'Ububanyi n'Amahanga bazasinya amasezerano ku wa 27 Kamena."



**Hasinywe amasezerano y'integuza hagati y'u Rwanda na RDC**



**Handitswe imishinga y'ubukerarugendo ifite agaciro ka miliyari 152 z'amafaranga y'u Rwanda mu duce dukikije ibiyaga**

# RDB yanditse imishinga y'ubukerarugendo ya miliyari 152 Frw ikikije ibiyaga

KAYITARE Jean Paul

***Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) rwatangaje ko mu myaka itanu rwanditse imishinga y'ubukerarugendo ifite agaciro ka miliyari 152 z'amafaranga y'u Rwanda mu duce dukikije ibiyaga, mu cyiciro cya mbere cya Gahunda y'Igihugu y'imyaka 7 yo kwihutisha Iterambere (NST1).***

Ibi byagarutsweho n'Umuyobozi Mukuru wungirije wa RDB, Juliana Kangeli Muganza, ku wa Kabiri tariki ya 17 Kamena 2025, mu kiganiro yahaye Abasenateri bagize Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu.

Yagize ati: "Mu myaka 5 ishize urebye igice cya NST1 imishinga y'ubukerarugendo yanditswe na RDB ifite agaciro kangana na miliyoni 106 z'amadolari ya Amerika (miliyari 152 Frw), yongereye umubare w'ibyumba by'amahoteli ku biyaga, ungana na 631."

Yavuze ko imishinga yarangiye yatanze akazi ku bantu bagera kuri 364 naho irimo gushyirwa mu bikorwa ikazatanga akazi ku bantu hafi 400 mu myaka izaza.

Akomeza agira ati: "Rero aho tubona amahirwe menshi, ni abantu bagenda bashyira hirya no hino amahoteli afasha abagenda muri utwo turere aho barara ariko bikazana n'ibindi bikorwa by'ubukungu.

Abahinzi n'aborozi bagurisha kuri ayo mahoteli, ari abashaka akazi, abanyeshuri barangije mu mashuri atandukanye, ari abakora mu busitani, rero tubona ishoramari rigenda ritanga akazi muri utwo Turere kandi turashaka kongera n'umubare wazo."

Juliana Kangeli Muganza, Umuyobozi Mukuru Wungirije wa RDB, yagaragaje ko hagiye kongerwa imbaraga mu rwego rw'ubwikorezi mu mazi mu rwego rwo guteza imbere abaturiye ibirwa hirya no hino mu gihugu.

Ati: "Igitekerezo cy'ingendo rusange yo mu mazi kuko nk'uko abaturage bagenda basaba amabisi mu Mijyi n'ahandi hirya no hino, naho twumva ko ari ahantu hakenewe ishoramari mu gihe hakiri abaturage batuye muri ibyo birwa."

Yakomeje avuga ati: "Mu byo tugiye gushyiramo imbaraga ni ugushaka abashoramari, mu bwikorezi ni hamwe muri aho kuko twagiye tubona ahantu hose hagendeka, bwa bwigunge bugenda bugabanyuka.

Mu gihe gahunda yo kubimura itararangira ndumva aho naho tuza gushyiramo imbaraga kugira ngo dufatanye n'abikorera bityo ayo mahirwe bagende bayabona, banayabyaze umusaruro."

Hagati aho, mu rwego rwo kuruhaho kubyaza umusaruro ibirwa bibarizwa mu biyaga, RDB iteganya ko nibura mu 2028 hazaba hari Pariki y'Igihugu y'Ibirwa, bizaba ahantu hakomeye h'ubukerarugendo ndetse n'ubushakashatsi ku bimera n'ibinyabuzima bidakunze kuboneka ahandi.





# BNR yagaragaje ibihano ku bakora ubucuruzi mu madovize nta burenganzira

NYIRANEZA Judith

***Banki Nkuru y'Igihugu, BNR yatangaje ibihano bishya ku bantu n'ibigo bishyiraho ibiciro ku bicuruzwa cyangwa serivisi ndetse n'abakora ubucuruzi mu madovize nta burenganzira babiherewe*.**




**BNR yatangaje ibihano ku bantu n'ibigo bishyuza mu madolari nta burenganzira babifitiye**

Ayo mabwiriza ategeka ko ufashwe ashyiraho ibiciro mu madovize acibwa amafaranga y'u Rwanda miliyoni 5 mu gihe afashwe bwa mbere na miliyoni 10 Frw ku zindi nshuro zikurikiraho.

Ni amabwiriza akubiye mu itangazo BNR yashyize ahabona ku wa Mbere tariki ya 16 Kamena 2025, agaragaza ibihano by'amafaranga bijyanye n'imikoreshereze y'amadovize itemewe.

Usibye kwishyuza ibicuruzwa cyangwa serivisi byoherejwe cyangwa byatumijwe hanze y'u Rwanda, cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi bikorwa n'amahoteli, Kazino (casinos), ibigo by'ubukerarugendo, amaduka adasora (duty-free), n'amashuri mpuzamahanga mu gihe yishyurana n'abadatuye mu gihugu.

Ni kimwe no ku muntu ku giti cye cyangwa ikigo bashyiraho ibiciro ku bicuruzwa cyangwa serivisi, cyangwa bakora ibikorwa by'ubucuruzi mu madovize (amafaranga y'amahanga), nta burenganzira babiherewe na BNR baba bakoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi riteganyirijwe ibihano by'amafaranga y'u Rwanda 5 000 000 igihe afashwe bwa mbere na 10.000.000 Frw igihe afashwe bwa kabiri (isubiracyaha) n'izindi nshuro zikurikiraho.

Abakora ibikorwa by'ubucuruzi mu madovize bazajya bishyura 50% by'ayakoreshejwe muri icyo gikorwa, igihe afashwe bwa mbere, agacibwa 100% by'ayakoreshejwe muri icyo gikorwa, igihe afashwe bwa kabiri n'izindi nshuro zikurikiraho.

Abategura cyangwa abagira uruhare mu cyamunara bazajya bacibwa 50% by'ayakoreshejwe mu cyamunara.

BNR yaboneyeho kwibutsa abantu bose n'ibigo bitandukanye kwirinda kujya muri ibi bikorwa nta burenganzira babifitiye.

Mu rwego rwo gukomeza kuzuza inshingano zayo yo kurinda agaciro k'ifaranga ry'u Rwanda, BNR, ku bufatanye n'inzego z'umutekano n'abandi bafatanyabikorwa, izakomeza kurwanya ibikorwa bikoreshwamo amadovize (amafaranga y'amahanga) bitemewe.

Abantu bose barashishikarizwa gutanga amakuru ku bikorwa byose bijyanye n'ivunjisha bikekwa ko binyuranyije n'amategeko, babimenyesha BNR cyangwa inzego z'umutekano (RIB, RNP n'Inzego z'ibanze) hifashishijwe imiyoboro inyuzwaho amakuru iboneka ku mbuga za interineti za buri rwego.

# RwandAir yahembwe nka sosiyete y'indege ihiga izindi muri Afurika

NTAWITONDA Jean Claude

***Sosiyete Nyarwanda y'Ubwikorezi bwo mu Kirere, RwandAir, yahawe igihembo nka sosiyete y'indege ihiga izindi muri Afurika mu bihembo mpuzamahanga by'umwaka wa 2025.***




**RwandAir yahembewe i Paris mu Bufaransa n'Ikigo Skytrax kubera gutanga serivisi zinoze**

Ubuyobozi bwa RwandAir butangaza ko bwishimiye kwakira icyo gihembo bwaherewe i Paris mu Bufaransa n'Ikigo Skytrax gikora ubushakashatsi ku birebana n'indege n'ibibuga byazo.

Mu butumwa bwanyujijwe ku mbuga nkoranyambaga, RwandAir yagize iti: "Twishimiye kwakira iki gihembo n'abagenzi bacu bakomeje kutwizera. Turabashimira kugurukana natwe, iki gihembo namwe ni icyanyu."

Umuyobozi Mukuru wa RwandAir Yvonne Makolo yagize ati: "Ndashimira abagenzi bose batoye RwandAir ndetse na Skytrax yishimiye ubudashyikirwa mu rwego rw'indege. Iki gihembo gishimangira ukwiyemeza kwacu mu gutanga ubunararibonye mu ngendo butibagirana."

Ubuyobozi bwa RwandAir buvuga ko butazatezuka guharanira kwagura serivisi no kuzigeza ku bakiliya mu bice bitandukanye byo ku Isi.

Edward Plaisted, Umuyobozi wa Skytrax, yavuze ko RwandAir yihariye mu buryo yita ku bakiliya binyuze mu kunoza imitangire ya serivisi, agaragaza ko yifatanyije n'ubuyobozi ndetse n'abakozi b'iki kigo kwishimira iyo ntsinzi.

Yagize ati: "RwandAir ikomeje kugaragaza itandukaniro binyuze mu buryo yibanda ku kunoza serivisi, bityo turabasabira kwishyuka ku bwo gutsindira iki gihembo cy'Ikigo cy'Indege gihiga ibindi muri Afurika mu Bihembo bigenerwa Ibigo by'Indege ku Isi cya 2025. Iki kigo cy'Indege cyahanze ubunararibonye bushya bwitarura ubw'abandi muri iki cyiciro mu birebana n'ubunyamwuga, gukundwa n'abagenzi mu gihe ikomeje guteza imbere serivisi z'indege mu Karere yifitiye icyizere."

Itangwa ry'ibyo bihembo mpuzamahanga ryatangiye mu mwaka wa 1999 ubwo ikigo mpuzamahanga Skytrax cyatangizaga ubushakashatsi mpuzamahanga ku buryo abakiliya banyurwa na serivisi z'ingendo zo mu Kirere.

RwandAir ni kimwe mu bigo bikora kinyamwuga muri Afurika kandi bikora bifite icyerekezo cyo kurushaho kunoza serivisi kandi zigakomeza kujyana n'igihe.

Kuri ubu RwandAir igana mu byerekezo bikabakaba 30 mu bihugu 22 muri Afurika, u Burayi, mu Burasirazuba bwo Hagati ndetse na Aziya. Ku bufatanye n'izindi sosiyete z'indege nka Qatar Airways mu guhuza ibyerekezo, RwandAir igera mu byerekezo 107.

Uyu munsi kandi iyi Sosiyete Nyarwanda yakira ubusabe bw'abasaga 2 000 buri mwaka bifuza kwiga muri gahunda yayo ijyanye no guhugura abapilote bato.

Ku rundi ruhande, Qatar Airways nk'umufatanyabikorwa ukomeye wa RwandAir, ni yo yaje ku mwanya wa mbere ku Isi yose. Ni umwanya icyo kigo gitsindiye inshuro 7 zose, uyu mwaka kikaba cyakurikiwe na Singapore Airlines.

Ubu bushakashatsi bwakozwe ku bigo birenga 350 bitanga serivisi z'indege ku Isi. Qatar na Singapore Airlines byahawe ibihembo icyenda kuri buri kimwe, ari na byo byahize ibindi uko bikurikiranye.

Ikindi kigo cyabikurikiye ni Delta Air yegukanye ibihembo bitandatu na Turkish Airlines yiganje mu bigo byahize ibindi i Burayi ikaba yatsindiye ibihembo 4.

# Mu 2028, ibirwa by'u Rwanda bizagirwa Pariki y'Igihugu

**ZIGAMA Theoneste**

***Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) rwatangaje ko rugiye guhindura ibirwa by'u Rwanda ibice bikomeye by'ubukerarugendo n'ubushakashatsi, ku buryo mu 2028 bimwe muri byo bizaba Pariki y'Igihugu y'Ibirwa.***

Ibi byatangajwe n'Umuyobozi Mukuru Wungirije wa RDB, Juliana Kangeli Muganza, ku wa Kabiri, tariki ya 17 Kamena 2025, mu kiganiro yahaye Abasenateri bagize Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu.

Yagize ati: "Mu 2012 hakozwe inyigo igaragaza amoko y'inyoni 60 aboneka ku birwa byo mu Kiyaga cya Kivu. Iyi nyigo yatumye hatangira ibikorwa by'ubushakashatsi bifasha kumenya uko ibirwa byabyazwa umusaruro."

Yakomeje avuga ko mu 2014 habaye inyigo ku micungire y'ibirwa ku bufatanye na REMA n'ibigo by'ubushakashatsi, hagaragazwa ko bifite urusobe rw'ibinyabuzima rwihariye, bityo hakaba haratangiye gutekerezwa umushinga wo kubihuriza hamwe bigashyirwa mu rwego rwa Pariki y'Igihugu.

Yagize ati: "Turateganya ko nibura mu 2028 hazaba hari Pariki y'Igihugu y'Ibirwa, bikaba n'ahantu hakomeye h'ubukerarugendo ndetse n'ubushakashatsi ku bimera n'ibinyabuzima bidakunze kuboneka ahandi."

### Sena irasaba ko ibirwa by'aba ahantu hasanzwe hinjiriza u Rwanda menshi

Senateri Prof. Dusingizemungu Jean Pierre yagaragaje ko ari ngombwa ko aho abaturage bimuwe habyazwa umusaruro, ariko bikajyana no kubaha ingurane ihwitse.

Yagize ati: "Ikirwa cya Nkombo ni cyo cyonyine cyakomeza guturwa, ibindi byashyirwaho ibikorwa by'ubukerarugendo. RDB ikwiye kubibona nk'amahirwe atanga amafaranga aruta n'ay'ingagi."

Yakomeje avuga ko aho hantu hashobora no kwifashishwa mu bushakashatsi bw'imiti gakondo, ubworozi bw'inzuki ndetse na siporo yo mu mazi.

Ati: "Nimwibaze ba mukerarugendo baturutse muri Qatar bazajya ku Kibuga cy'Indege cya Bugesera, bakagenda batembereye ku mazi. Hari amafaranga menshi ashobora kuza. Ariko n'Abanyarwanda cyane cyane urubyiruko, bagomba kubigiramo uruhare, bakure babyumva."

Perezida wa Komisiyo ya Sena, Hon. Umuhire Adrie, yasabye RDB gukaza ubugenzuzi ku bashoramari, kuko hari abamaze kugurira abaturage batuye ku birwa amafaranga make atajyanye n'agaciro k'ubutaka.

Yagize ati: "RDB mukwiye gusura ibirwa, mukorane n'abashoramari ku buryo umuturage ugurishije abona amafaranga amufasha gutangira ubuzima bushya, ntabe umutwaro kuri Leta."

### MINEMA na MINALOC zatangiye inyigo yo kwimura abaturage

Minisiteri y'Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA) na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) zatangaje ko hari inyigo irimo gukorwa igamije kwimura abaturage batuye ku birwa 11.

Babarirwa muri 8 105, ariko igihe nyacyo cyo kwimurwa kitaratangazwa vuba, kuko hakiri gutegurwa ingengo y'imari yo kubatuza mu buryo buboneye.

Sena yasabye ko mu gihe abaturage bazaba bimuwe, bazahabwa amahugurwa n'ubushobozi bwo kwibeshaho, kugira ngo ubuzima bwabo budakomeza gushingira gusa ku byo babonaga mu mazi.

Imibare ya RDB igaragaza ko mu myaka itanu ishize, RDB yatangaje ko imishinga y'ubukerarugendo yinjije mu gihugu amafaranga agera kuri miliyari 152 Frw (miliyoni 106 z'Amadolari ya Amerika).

Iyo mishinga yatumye hubakwa ibyumba bishya 631 bya hoteli, ikaba yaratanze akazi ku bantu 364. Hateganywa ko izindi nshya zizaha akazi abarenga 400 mu myaka itanu iri imbere.



Biteganyijwe ko mu 2028, ibirwa by'u Rwanda bizagirwa Pariki y'Igihugu



Hasobanuwe impamvu umunyeshuri adahabwa ikigo yasabye

# NESA yasobanuye impamvu umunyeshuri atsinda ntahabwe ikigo yahisemo

**KAYITARE Jean Paul**

***Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri, NESA, bwashyize umucyo ki kibazo gikunze kwibazwaho na benshi, aho umunyeshuri atsinda ariko ntahabwe ikigo cy'ishuri yahisemo.***

Dr Bernard Bahati, yabigarutseho mu nama ku ishusho y'uburezi mu Rwanda ku wa 20 Kamena 2025.

Yasobanuye ko bishoboka ko umwana abura umwanya mu mashuri atatu yasabye kubera impamvu zitandukanye.

Yifashishije urugero rw'amwe mu mashuri yagaragajwe muri iyi nama, nk'ishuri rya Saint Aloys Rwamagana riherereye mu Ntara y'Iburasirazuba, Dr Bahati agaragaza ko muri iryo shuri hariyo imyanya 120 ariko ko usanga hasabyeyo abanyeshuri hafi 24 000.

Yagize ati: "Tuvuge ko umwana yasabye ishuri rya mbere rya Saint Aloys Rwamagana atari muri bariya bagize amanota 120 kurusha abandi, St Aloys ntahabona, nitujya kuri ndi shuri Notre Dame de Cîteaux naho turasanga imibare imeze gutyo, natibona muri ba bandi 120 hakaba hari 120 bamurushije ntabwo umwanya kuri iryo shuri awubona, no ku ishuri rya gatatu gutyo gutyo."

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri, kivuga ko mu gihe byagenze bityo umwana atabonye umwanya aho yasabye, nka NESA inshingano zayo ni ukumushakira ahandi yajya kwiga.

Dr Bahati, Umuyobozi Mukuru wa NESA, agira ati: "Ntabwo rero umwanya ubura umwana yarawusabye ari uko uhari twawumwimye, ahubwo ni uko imyanya aba ari mike noneho abandi bahasabye ya myanya iriyo ikuzura kandi baramurushije amanota."

Minisitiri w'Uburezi Joseph Nsengimana yavuze ko yavuze ko mu burezi hari impinduka zirimo gukorwa zigamije kujyana n'icyerekezo cy'igihugu cya 2050 gishingiye ku bumenyi no gutuma abanyeshuri barangiza amashuri yisumbuye bafite ubumenyi buhagije bubafasha guhangana ku isoko ry'umurimo.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

# *Ikoranabuhanga mu buhinzi, imbarutso y'umusaruro mwiza*

*Ubuhinzi n'ubworozi ni umwuga w'ingenzi kandi ukorwa na benshi kuko buri wese akenera ibyo kurya, bityo akaba ari ngombwa ko bikorwa mu buryo bwa kijyambere hifashishwa ikoranabuhanga kugira ngo bibe imbarutso yo kubona umusaruro mwiza.*

*Leta y'u Rwanda yashyizeho politiki igamije kunoza ubuhinzi n'ubworozi cyane ko bigira uruhare ntagereranywa mu bukungu kandi ndetse n'inganda zikenera ibyo zikoresha muri byo 70% bikaba bikomoka ku buhinzi n'ubworozi.*

*Muri Gahunda ya kabiri y'Igihugu yo kwihutisha ubukungu [NST2], biteganyijwe ko umusaruro uziyongeraho 50% kandi ubuhinzi bukazakomeza kuzamuka hejuru ya 6% buri mwaka.*

*Kugira ngo iyi ntego igerweho, hari ingamba Leta yshyizeho zatangiye ndetse zigikomeje nka gahunda yo kuhira imyaka, ubuhinzi bugakorwa budashingiye gusa ku kirere, ubwishingizi bw'ibihingwa n'amatungo, guhanga udushya hifashishijwe ikoranabuhanga.*

*Uko imyaka ihita indi ikaza, ni nako habaho ihindagurika ry'ibihe, ugasanga imvura igihe yari isanzwe itegerezwaho si ko igwa cyangwa se yanagwa ikagwa ari nke, cyangwa ikanagenda imyaka itarera, kuko nta we uba yasezeranye nayo. Rero mu guteza imbere ubuhinzi, kongera umusaruro ubukomokaho, ni ngombwa kudahingira imvura.*

*Ibyo bituma ibihembwe byose by'ihinga bibyazwa umusaruro, kuko igihembwe cya C kitamenyerewe cyane bitewe nuko haba ari mu gihe k'impeshyi nacyo abahinzi bakibyaza umusaruro hatabayeho ko bategereza imvura, kuko baba bafite uburyo bwo kuhira imyaka bahinze.*

*Ubwishingizi bw'imyaka n'amatungo ku bakora umwuga w'ubuhinzi n'ubworozi, ifasha abahinzi n'aborozi gukora ibikorwa byabo bizeye kudahomba kuko baba barabifatiye ubwishingizi, ari umuhinzi ahinga atekanye, ari umworozi akorora atekanye. Icyo gihe bakora atari amaramuko, ahubwo bagasagurira n'isoko bakabona amafaranga abafasha kwikenura mu buzima bwa buri munsi.*

*Guhingisha imashini biri mu byihutisha imirimo y'ubuhinzi, gukoresha imbuto z'indobanure n'inyongeramusaruro, aho Leta ishyiramo nkunganire kugira ngo umuhinzi n'umworozi boroherwe mu kubigura, cyane ko biha igihingwa ibigitunga gikenera, bikazamura umusaruro.*

***Ubwanditsi***

# Imurikabikorwa 18: Guhanga udushya mu buhinzi ni igisubizo ku kongera umusaruro

**NYIRANEZA Judith**

***Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr Mark Cyubahiro Bagabe, yasabye abamurika ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi kubyaza ubumenyi bakura mu imurikabikorwa, bifashishije ikoranabuhanga bagahanga udushya, bikazamura umusaruro.***

Yabitangaje kuri uyu wa Gatanu tariki ya 20 Kamena 2025, ubwo yatangizaga ku mugaragaro imurikabikorwa ry'ubuhinzi n'ubworozi ribaye ku nshuro ya 18 ku Mulindi, mu Karere ka Gasabo.

Ni imurikabikorwa ryitabiriwe n'abamurika ibikorwa basaga 500, bamurika ibikorwa bitandukanye, basobanura ibyo bakora mu buhinzi n'Ubworozi n'ibindi bigo bifite aho bihuriye n'iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi.

Imurikabikorwa rya 18 ry'Ubuhinzi n'Ubworozi rifite insanganyamatsiko igira iti 'Duteze imbere guhanga ibishya n'ishoramari, nk'inkingi z'Ubuhinzi n'Ubworozi bidahungabanywa n'ibihe'.

Minisitiri Dr Cyubahiro Bagabe yavuze ko iryo murikagurisha ari umwanya mwizawo guhanahana amakuruno kungurana ubumenyi bigatanga ibisubizo ku bibazo biri mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi.

Ati: "Imurikabikorwa nk'iri, ni urubuga rwo gutanga ibisubizo ku bibazo by'ubuhinzi n'ubworozi, rutangirwamo ubumenyi n'imikoranire mishya, no guteza imbere ubucuruzi."

Yagarutse ku kuba ubuhinzi butanga umusanzu mu bukungu.

Yagize ati: "Ubuhinzi n'ubworozi bitanga umusanzu ukomeye mu bukungu, kuko 70% by'inganda zikoresha ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi. Gahunda ya Leta yo kwihutisha ubukungu [NST2] igamije kongera umusaruro kuri 50%, no kuzamura ubuhinzi ku kigero kirenze 6% buri mwaka."

Yongeyeho ati: "Hateganyijwe ko ishoramari ry'abikorera rigomba kwikuba kabiri, bivuze kuva kuri miliyari 2.2 z'amadolari za Amerika mu 2024 kugeza kuri miliyari 4 z'amadolari za Amerika mu 2029."

Yagaragaje bimwe byatumye umusaruro mu buhinzi n'ubworozi uzamuka kandi hazakomeza gushyirwamo imbaragara, ibyoherezwa mu mahanga bikikuba kabiri.

Ati: "Kohereza ibikomoka ku buhinzi mu mahanga bigomba kwikuba bikava kuri miliyoni 875 z'amadolari ya Amerika kugeza kuri miliyari 1, 9 z'amadolari ya Amerika. Inguzanyo ku buhinzi zizamurwa kuva kuri 6% kugeza kuri 10%."

Dr Cyubahiro yavuze kandi ko Guverinoma yashyizeho inguzanyo ku nyungu nto, binyuze mu gukorana n'ibigo by'imari 18. Mu myaka 2 ishize, hateganyijwe miliyari 31 z'amafaranga y'u Rwanda, muri yo, miliyari 17 z'amafaranga y'u Rwanda zimaze gutangwa.

Ati: "Hari gahunda ya "Tekana, urishingiwe Muhinzi-Mworozi" itanga ubwishingizi kuri 40% by'ikiguzi. Imibare ya 2024/25 igaragaza ko abagera ku 189 734 bamaze kunganirwa, harimo ibihingwa 8 n'amatungo 4. Guverinoma imaze gutanga miliyari 5 z'amafaranga y'u Rwanda muri iyi gahunda."

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi yahamagariye abahinzi n'aborozi kwiyandikisha muri gahunda y'ubwishingizi.

Umwe mu bari baje kumurika uburyo ahinga imboga akoresheje ahantu hato, yifashishije ibikoresho biboneka ku buryo bworoshye birimo imbaho, amacupa ya pulasitiki n'amatiyo yavuze ko ahungukira ubumenyi mu bijyanye na tekiniki zo kuhira.

Yagize ati: "Ubu buryo bwo guhinga imboga kuri aka gatanda, nkoresha ahantu hato, umuntu akaba yanakimukana kandi gakoresha ibikoresho bitagoye kubona, imbaho, ubutaka buke, amacupa ya pulasitiki. Iyo nje hano mu imurikabikorwa mpungukira ubumenyi bushya burebana na tekiniki zo kuhira."

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi yahamagariye abahinzi n'aborozi kwiyandikisha muri gahunda




Kwinjiza ikoranabuhanga na tekiniki nshya mu buhinzi bizamura umusaruro

# U Rwanda rurubaka Laboratwari ya miliyari 116 Frw y'inganda za STEM

**ZIGAMA Theoneste**

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ubushakashatsi n'Iterambere mu byerekeye Inganda (NIRDA), cyatangaje ko mu myaka 4 iri imbere, u Rwanda ruzuzuza Laboratwari yo guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda izatwara miliyari zisaga 116 z'amafaranga y'u Rwanda (miliyoni 82 z'amadolari ya Amerika).***

NIRDA yavuze ko intego y'iyo Laboratwari ari uguhuza amashuri makuru na kaminuza, inganda, ndetse na Leta mu guteza imbere guhanga ibishya, ubushakashatsi, n'iterambere ry'ubumenyi, siyansi, ikoranabuhanga, ubwubatsi bugezweho n'imibare (STEM).

Mu biganiro nyunguranabitekerezo ku mushinga w'iyo Laboratwari ku wa Kane tariki



**Laboratwari ya STEM izafasha abikorera kwikorera ibyo batumizaga hanze y'igihugu**

ya 19 Kamena 2025, byahuje inzego za Leta, abikorera, amashuri makuru, na bimwe mu bigo by'abafatanyabikorwa mu iterambere, hibanzwe ku buryo bwo guteza imbere uburezi bwa STEM, ishoramari mu bushakashatsi, no kongerera inganda ubushobozi bwo guhangana ku isoko.

Umuyobozi Mukuru wa NIRDA Dr Sekomo Birame, yabwiye itangazamakuru ati: "Turimo kugeza ku bashakashatsi n'abikorera, umushinga wagutse wo kubaka Laboratwari, ifasha mu bijyanye n'ingufu zisubira, kuri sitasiyo bacagingaho (charging stations), kugira ngo tujye tubyikorera nk'Igihugu."

Dr Sekomo yavuze ko abari mu rwego rw'ikoranabuhanga na siyansi bakigorwa no kubura ibikoresho bakoresha mu ikoranabuhanga.

Husna Butoyi Umurerwa, Umuyobozi Mukuru wa 250 Ventures ifasha ba rwiyemezamirimo bato, yagize ati: "Laboratwari ya STEM izafasha gupima mu buryo bwa gihanga. Ubu abenshi ntibabasha gupima ibyo bakoze kubera kubura ibikorwa remezo nk'iyo laboratwari y'inganda."

Yakomeje avuga ko ba rwiyemezamirimo bato bazungukira byinshi muri iyi laboratwari kuko izabafasha kugeza ibicuruzwa ku isoko byapimwe.

David Tuyishime, Umuyobozi Mukuru akaba n'umwe mu bashinze kompanyi ya Green Home ikora ibikoresho byifashishwa mu nzego zitandukanye, na we yavuze ko iyi laboratwari nshya izafasha ibigo nk'icyo ayobora kunoza ibyo bakora.

Yagize ati: "Iyo laboratwari izadufasha kugabanya ibikoresho dukenera dutumiza hanze. Ubu tumaze gukora no gukwirakwiza imashini 25 zitandukanye zirimo izitunganya umusaruro w'ubuhinzi."

Biteganyijwe ko iyo Laboratwari izubakwa mu mezi 48, ikazubakwa mu ishami rya siyansi n'ikoranabuhanga ya Kaminuza y'u Rwanda iherereye mu Karere ka Nyarugenge.

Ni icyiciro cya mbere kizaba gifitemo Laboratwari ziri mu ngeri 3, zibanda ku gutunganya amabuye y'agaciro, kubungabunga imashini zikoreshwa mu nganda zitunganya ibiribwa, ingufu zisubira, mu by'ubwubatsi, n'ibijyanye n'ubwenge buhangano.

# Umujyi wa Kigali wungutse imodoka igezweho isukura imihanda ya kaburimbo

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Umujyi wa Kigali wazanye imodoka ikoresha ikoranabuhanga rigezweho mu gusukura imihanda ya kaburimbo yanduye yo mu bice bitandukanye by'umujyi.***

Umuvugizi w'Umujyi wa Kigali Emma-Claudine Ntirenganya, avuga ko iyo modoka izajya yifashishwa mu gusukura imihanda ya kaburimbo yanduye ikoresheje ibiroso n'irindi koranabuhanga ryubakanywe na yo.

Yavuze ko ubwo buryo bwo gusukura imihanda butekanye kuko butazamura imikungugu, cyane ko hari ikoranabuhanga riwukurura hamwen'indi myanda yose iri hejuru ya kaburimbo.

Yakomeje avuga ati: "Iyo modoka ifite n'ikigega cyaharirwe by'umwihariko kubika umwanda ukusanywa n'iyo modoka iwutwara ikawugeza aho ugomba kujugunywa."

Yakomeje agira ati: "Ifite kandi amatiyo y'amazi afite ingufu ashobora gukoreshwa mu gusukura iyo modoka haba ku mapine iyo bibaye ngombwa, cyangwa koza imodoka yose igihe ivuye ahantu handuye cyane yinjiye mu muhanda usukuye wa kaburimbo."

Yavuze ko iyo modoka itagiye gusimbura abasanzwe bakora isuku mu mihanda itandukanye y'Umujyi wa Kigali, by'umwihariko abagore bashimirwa uruhare rwabo mu guharanira ko imihanda y'umujyi ihora isukuye.

Yakomeje agira ati: "Abakozi bazakomeza inshingano zabo kubera ko imodoka ntiyinjira mu miyoboro y'amazi cyangwa ngo ibe yasukura n'izindi nkengero z'umuhanda. Nanone kandi ntisukura ubusitani bwo ku muhanda ahaba hateye indabo. Imodoka ikora nijoro gusa igihe urujya n'uruza rugabanyutse mu muhanda."



**Umujyi wa Kigali wazanye imodoka ikoresha ikoranabuhanga rigezweho mu gusukura imihanda ya kaburimbo**

Umujyi wa Kigali ukomeje kuba icyitegererezo muri Afurika no ku mugabane w'Afurika. Mu mwaka wa 2023, Kigali yaje ku mwanya wa mbere mu mijyi 30 yakozweho ubugenzuzi bujyanye n'imijyi igezweho mu gukoresha ikoranabuhanga.

Uretse ku kuba uza imbere mu gukoresha ikoranabuhanga, Kigali ni na wo mujyi usukuye kurusha indi myinshi y'Afurika, ari na yo mpamvu ubimburira indi mu gukundwa na ba mukerarugendo muri Afurika.

Mu kwezi k'Ugushyingo Umujyi wa Kigali waje ku mwanya wa kabiri mu mijyi ibereye guturwamo no gushorwamo imari muri Afurika, nk'uko bigaragara ku rutonde rwakozwe n'Ikinyamakuru The Africa Report ku bufatanye na Jeune Afrique.

Umujyi wa Kigali washimiwe uburyo ucyeye kandi usukuye, uko utekanye ndetse wuzuye ubushya duhangwa buri munsi.

Emma-Claudine Ntirenganya ashimangira ko isuku izira amakemwa n'udushya turamba bituma Umujyi wa Kigali wigaragaza mu ruhando mpuzamahanga.

Muri Gicurasi, Ishyirahamwe Mpuzamahanga ritegura Inama n'Amahuriro (ICCA) ryashyize Kigali ku mwanya wa 2 mu mijyi y'Afurika ikunzwe mu kwakira inama mpuzamahanga n'ibindi bikorwa, mu gihe u Rwanda rwaje ku mwanya wa gatatu muri rusange.

Umujyi wa Kigali kuri ubu umaze kwiharira uyu mwanya inshuro eshanu zikurikiranya, aho mu mwaka ushize u Rwanda rwakiriye abasaga 52.000 binjije miliyoni zirenga 84 z'amadolari y'Amerika nk'uko bishimangirwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere ubukerarugendo bushingiye ku Nama (RCB).





# Amateka mabi twanyuzemo adusaba gukomeza kuba maso – Minisitiri Uwimana

**KAYITARE Jean Paul**

***Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Uwimana Consolée, yasabye Abayobozi n'abakozi b'ibigo bitandukanye kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside kuko ngo amateka Abanyarwanda banyuzemo abasaba guhora bari maso.***

Yabigarutseho ku mugoroba wo ku wa Kabiri tariki 17 Kamena 2025, mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, cyabereye ku rwibutso rwa Kigali ruri ku Gisozi.

Ni igikorwa cyitabiriwe n'abayobozi n'abakozi ba NCDA, MOYA, MIGEPROF, REAF, NPSC, RCI, NYC na NWC, aho bibukaga abari abakozi muri ibyo bigo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yasabye abakozi b'ibigo na Minisiteri kwirinda icyabazanamo amacakubiri kandi ko bigomba kubigira inshingano bityo bakarwanya ibisigisigi by'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Minisitiri Uwimana yagize ati: "Amateka mabi twanyuzemo adusaba gukomeza kuba maso tukirinda icyo ari cyo cyose cyatuzana mo amacakubiri; byaba mu kazi aho dukorera, no mu miryango yacu hirya no hino aho dutuye.

Niyo mpamvu dufite inshingano yo kurwanya ibisigisi by'ingengabitekerezo ya Jenoside ikomeje guhererekanywa ku ishyiga no ku mbuga nkoranyambaga, tuzirikana ko abayikwirakwiza kuri izi mbuga nkoranyambaga biganjemo urubyiruko."

Yakomeje agira ati: "Ibyo urubyiruko rukora, rubikomora ku byo rubona dukora nk'abantu bakuru, ababyeyi n'abayobozi!

Amateka yacu arabyerekana,




**Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Uwimana Consolée, yasabye abantu kutarenza ingohe amateka mabi Igihugu cyanyuzemo**

mu bihe bitandukanye urubyiruko rwagiye mu bikorwa by'ubwicanyi rubishowemo n'ubuyobozi bubi, byaba mu mwaka w'i 1959, muri 1963, muri 1973 indunduro iba mu w'i 1994."

Minisitiri Uwimana yasabye Abayobozi n'abakozi bari mu gikorwa cyo kwibuka kunoza imyumvire, imikorere n'imvugo byabo kuko ibikorwa byabo, babizi cyangwa batabizi byanduza abato bababona, babumva ndetse banabigiraho.

Agira ati: "Umwanya nk'uyu udufashe kandi kongera kwibaza nk'Abanyarwanda, ababyeyi, abakozi ba Leta turimo n'abayobozi, aho tuganisha abaturage bacu n'igihugu cyacu muri rusange."

Mu kiganiro cyatanzwe na Dr Gakwenzire Philbert, Perezida w'Umuryango Uharanira inyungu z'Abarokotse Jenoside, yagaragaje uko urwango rwakorewe Abatutsi rwatangiye kugeza kuri Jenoside yabakorewe.

Yavuze ko mu mwaka wa 1931 Umwami Musinga yaciriwe ishyanga, bamubeshyera ko yanga abazungu kandi ko adakunda n'iterambere.

Kuva icyo gihe mu 1931, u Rwanda rwari rusigaye ku izina kuko abaturage bari batangiye kwitwa Abahutu, Abatutsi, Abatwa, abandi batangira guhunga ubukoloni, ubukene, ikiboko n'ibindi.

Mu 1952 hashyizweho itegeko ry'inama njyanama, inama nkuru y'igihugu iyobowe n'umwami.

Ati: "Ibi byagize akamaro kuko mu kwezi kwa Kanama 1957 hakozwe inyandiko igaragaza ibintu bikwiye kwitabwaho, ibyo byari bijyanye no gushyiraho Kaminuza, guha umwami ububasha bwisumbuyeho."

Ibyo ngo Ababiligi babibonye nibwo hahise haza inyandiko iturutse mu kind igice cy'Abanyarwanda yiswe 'Manifeste des Bahutu'.

Kuva mu 1959 kugera ku gihe cy'ubwigenge, nibwo umwami Rudahigwa yatanze.

Abanyarwanda bazi ko Rudahigwa yishwe n'Ababiligi kandi ngo hari inyandiko nyinshi zigenda zibigaragaza ndetse hari n'izo u Rwanda rufite.

Mutabazi Godfroid uzwi ku izina rya Museveni kubera amateka yanyuzemo, afite ubumuga yasigiwe na Jenoside, yavuze inzira itoroshye yanyuzemo kugeza ubwo Inkotanyi zahagarikaga Jenoside.

Mu buhamya bwe, Mutabazi yavuze ko igice cy'umubiri we kiri mu rwibutso rwa Kigali, avuga ko cyavanywe Kimihurura mu kigo cy'Abapadiri b'Abasaleziyani, ari naho yarokokeye.

Kubera itotezwa ry'Abatutsi, byatumye agarukira mu mwaka wa Munani w'amashuri bityo ibyo kwiga birangirira aho atari uko yari abuze ubwenge.

Icyo gihe ngo Minisiteri y'Uburezi yayoborwaga na Minisitiri Nsekarije.

Mu 1986, yibuka ko yakoraga mu kigo cy'abapadiri, hakaba hari haramanitswe urutonde rw'Abatutsi ku muryango winjira mu kigo mu rwego rwo gukumira Umututsi wahinjira.

N'ikiniga cyinshi, Mutabazi ahamya ko yakoraga akazi ko gutekera abapadiri ariko ko kuva Inkotanyi zitangiye urugamba rwo kubohora igihugu, yatangiye gutotezwa kimwe nk'abandi batutsi bose.

Ku rundi ruhande yishimira ko Inkotanyi zahagaritse Jenoside akongera kuryoherwa n'ubuzima.

Ati: "Jenoside yarahagaritswe nongera kuryoherwa n'ubuzima. Nasabye Imana ko abana banjye bazaba Inkotanyi kandi koko barazisanze, ubu barimo kubaka igihugu bagicungiye umutekano."


Ubutumwa bw'Umuryango Ibuka, ngo ni ugufatanya n'igihugu kubaka amahoro arambye, kubungabunga inzibutso no kubungabunga amateka.

Dr Gakwenzire, Perezida wa Ibuka, yagize ati: "Ni ugukora umwitozo kugira ngo amateka yacu y'ejo hazaza, ntatubere urufunguzo rufungura amateka yacu, kugira ngo tugire iyo myitwarire tuzabihabwa no kwiyumvisha uburenganzira bwa buri wese ahabwa n'igihugu cye.

Amateka yacu atubera urufunguzo rufungura amateka yacu y'ejo hazaza, ntatubere urufunguzo rufunga amateka yacu.

Ntabwo dushobora guhindura ibyabaye ariko dufite urufunguzo rwo gufungura ejo hazaza."

Umuryango Ibuka ushima ubuyobozi bw'Igihugu n'Umuryango FPR Inkotanyi, biyemeje kwimakaza ubumwe bw'Abanyarwanda.



**Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Uwimana Consolée, yasabye abantu kutarenza ingohe amateka mabi Igihugu cyanyuzemo**

# Mu Rwanda, abantu basaga 14 000 nta bwenegihugu bafite

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) yatangaje ko mu Rwanda habarirwa abantu basaga ibihumbi 14 biganjemo abaturiye imipaka badafite ubwenegihugu.***

Ni mu igenzura ryakozwe n'Urwego rushinzwe abinjira n'abasohoka.

Umunyanyamabanga wa Leta muri MINALOC, Kayisire Marie Solange yavuze ko hari Abanyamahanga benshi bashakana n'Abanyarwanda cyangwa abanyarwandakazi kenshi bagashyingiranwa mu buryo butemewe n'amategeko

Ni mu kiganiro yahaye Abasenateri bagize Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu ku wa Mbere tariki ya 16 Kamena 2025.



U Rwanda ruha ubwenegihugu bw'u Rwanda abujuje ibisabwa

Yagize ati: "Twabaruye abarenga gato ibihumbi 14 nta bwenegihugu bafite, tukaba dukorana n'inzego kugira ngo ikibazo cyabo gikemuke. Harimo ibibazo bitandukanye nubwo bose bahuriye ku kuba nta bwenegihugu bafite."

Yavuze ko MINALOC n'Urwego rushinzwe abinjira n'abasohoka bakomeje imikoranire ngo hamenyekane abakwiye ubwenegihugu n'abo bashakanye nkuko biteganywa n'amategeko agenga guhabwa ubwenegihugu bw'u Rwanda.

Kayisire ati: "Iryo barura ryatumye serivisi zimwe bazibona nk'ubwisungane mu kwivuza bwa Mituweli."

Yavuze ko abadafite ubwenegihugu biganje ku Mirenge iri ku mipaka ihuza u Rwanda n'ibindi bihugu ndetse no mu Mujyi wa Kigali.

Ati: "Twarabibonye mu Mirenge y'Akarere ka Gisagara, Nyaruguru na Burera ni byinshi ku mipaka. Biriya birwa biri hafi ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo abaturage barasurana bakabana.

Turimo gukurikirana ngo turebe ko ibyo bibazo bikemuka kuko hari bamwe bamaze kubona ubwenegihugu bamaze kubona ibyangombwa."

Mu Ugushyingo 2024, abanyamahanga 72 bahawe ubwenegihugu bw'u Rwanda nyuma yo kuzuza ibisabwa.

Ubusanzwe ubwenegihugu bw'u Rwanda, ni isano umuntu afitanye n'u Rwanda ituruka ku kuba afite inkomoko mu Rwanda cyangwa afite ubwenegihugu bw'u Rwanda butangwa.

Itegeko Ngenga ryo ku wa 16 Nyakanga 2021, rigenga ubwenegihugu bw'u Rwanda risimbura iryo ku wa 25 Nyakanga 2008. Rifungura imiryango ku banyamahanga bashaka kuba Abanyarwanda ku mpamvu zirimo ishoramari, impano z'umwihariko zikenewe mu gihugu, icyubahiro n'ibindi.

Perezida Paul Kagame agaruka ku kibazo cy'itangwa ry'ubwenegihugu, mu nama yaguye ya Komite Nyobozi ya FPR Inkotanyi muri Nzeri 2020, yavuze ko abantu bakeneye ubwenegihugu bw'u Rwanda badakwiye kubwimwa igihe bafite ubushake bwo gufatanya n'abandi kubaka igihugu.

# Miliyari 449.7 Frw zashowe mu mushinga wo guteza imbere ubuhinzi butangiza ibidukikije

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y'u Rwanda n'Ikigo Mpuzamahanga gishinzwe Ishoramari (IFC) batangije gahunda nshya y'Ishoramari mu buhinzi burengera ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe (CSA-IP), mu mushinga ufite agaciro ka miliyari 449.7 Frw, angana na miliyoni 335.4 z'amadolari ya Amerika.***

Iyo gahunda, yashyizwe mu bikorwa na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), ifite intego yo gushora imari mu mishinga izazamura umusaruro w'ibiribwa mu gihugu, kwihaza mu biribwa no gutanga amahirwe y'akazi ku bakora mu rwego rw'ubuhinzi.

Byatangirijwe i Kigali, ku wa Gatatu tariki ya 18 Kamena 2025, ikaba ishyigikiwe na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi na Minisiteri y'Ibidukikije binyuze mu Kigo cy'u Rwanda cyo



Hatangijwe gahunda idasanzwe yo kurengera ibidukikije mu buhinzi yitezweho gutanga akazi n'amahirwe y'ishoramari

kurengera ibidukikije (RGF), ukaba waratewe inkunga n'Ikigega Mpuzamahanga gishinzwe Imari (IFC), kimwe mu bigo bya Banki y'Isi.

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr Bagabe Cyubahiro Mark, yavuze ko iyi gahunda igamije guteza imbere ubuhinzi bugezweho, burwanya imihindagurikire y'ibihe kandi burengera ibidukikije, bityo bikazamura ubukungu bw'abahinzi n'ubw'Igihugu muri rusange.

Yagize ati: "Uyu mushinga w'Ishoramari mu buhinzi burengera ibidukikije ujyanye n'Igenamigambi ry'Igihugu rigamije guhindura ubuhinzi (PSTA5). Ni umushinga ujyanye n'uburyo twahuza ibikorwa byinshi birengera ibidukikije kandi bikazana umusaruro. Ikigaragara imvura yabaye nkeya kandi bibangamiye ubuhinzi n'ubworozi."

Yongeyeho ati: "Tugiye gukora uburyo bwo kurengera umusaruro, hari ibikorwa byo kurengera ubutaka. Hari ukuntu uhinga usasira, ibyatsi bigafata amazi, bikanafata ubutaka. Uwo mushinga ushyize imbere ibijyanye no kuhira aho twabihaye 62%, harimo no kugabanya ibyangirika mu musaruro, kubera ko nta bikorwa remezo bihari birimo ubuhunikiro."

Jiyeon Janice Ryu, uhagarariye IFC mu Rwanda, yavuze ko bakataje mu gutera inkunga imishinga y'ubuhinzi kuko bufitiye akamaro Abanyarwanda benshi.

Yagize ati: "Abaturage b'iki Gihugu hafi 70% bakora ubuhinzi, bugira uruhare rwa 27% ku musaruro mbumbe w'Igihugu, ibibangamira ubuhinzi bikomeje byiyongera bikadindiza ubukungu bw'abaturage. Muri uyu mushinga twahisemo ahantu h'ingenzi dushobora kuzashyigikira abikorera kugira tuzibe icyo cyuho".

MINAGRI yatangaje ko iyi gahunda ya CSA, iteganya gufasha ubutaka bungana na hegitari 83 250 kongera kwihanganira imihindagurikire y'ibihe no kongera umusaruro binyuze mu ikoreshwa ry'amazi rinoze, guhinga imyaka itanga umusaruro mwinshi no kusigasira umusaruro w'ubutaka.

Biteganyijwe ko iyi gahunda izafasha abahinzi 170 200 n'ibigo 375 kugera ku masoko y'imari ashingiye ku buhinzi burengera ikirere, hagamijwe guteza imbere ubufatanye burambye mu bucuruzi.

Guteza imbere sisitemu y'ubuhinzi n'ibiribwa irwanya imihindagurikire y'ikirere, itanga umusaruro kandi igezweho ni imwe mu nkingi za gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2) mu Rwanda yatangiye mu mwaka wa 2024 ikazageza mu 2029.

Iyi gahunda igamije kongera ishoramari ry'abikorera mu bukungu bakava kuri 15.9% by'Umusaruro Mbumbe w'Igihugu (GDP) rifite agaciro k'asaga tiriyali 3, na miliyari 165 Frw (miliyari 2.2 z'amadolari ya Amerika, rikagera kuri 21.5% rifite agaciro k'asaga tiriyali 6 na miliyari 619 Frw (miliyari 4.6).





# 2017-2024: Amafaranga y'imbere mu gihugu mu ngengo y'imari yarenze 80%

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko kuva mu mwaka wa 2017 kugeza mu 2024, ingengo y'imari y'Igihugu yiyongereyeho asaga miliyari 3000 z'amafaranga y'u Rwanda, aho amafaranga akomoka mu gihugu yagize uruhare ruri hejuru ya 80%.***

Minisitiri w'Intebe Dr Edouard Ngirente yabikomojeho ku wa Kane tariki ya 19 Kamena 2025, ubwo yatangazaga ibikorwa bya Guverinoma ku byagezweho mu rwego rwo guteza imbere imibereho myiza y'Abanyarwanda.

Yatangaje ko amafaranga yakoreshwaga mu ngengo y'imari mu mwaka wa 2018/2019 yavuye kuri miliyari ibihumbi 2.5 yariho agera kuri miliyari ibihumbi 5.8 mu mwaka wa 2024/2025.

Ni mu gihe ingengo y'imari y'umwaka utaha w'ingengo y'imari izagera kuri miliyari ibihumbi 7.032 ikaba yaramaze gutorwa n'Abadepite.

Dr Ngirente yakomeje agira ati: "Kuva mu 2018/2019 kugera mu 2024/2025 imisoro n'amahoro yikubye inshuro 2, aho yavuye kuri miliyari zisaga 1.500 agera ku yasaga 3.400.

Amafaranga ava imbere mu Gihugu n'inguzanyo z'ayo tuzishyura uruhare rwayo ku ngengo y'imari rwariyongereye rurenga kuri 80%. Icyo ni ikimenyetso cyiza cyo kwigira".

Dr Ngirente yavuze ko ubu u Rwanda rukomeje guhangana no kwishakamo ibisubizo mu iterambere aho amafaranga y'inguzanyo rugenda ruyagabanya.

Guverinoma y'u Rwanda yavuze ko uko kuzamuka kw'ingengo y'imari mu Rwanda kwatumye ubukungu bw'abaturage buzamuka, aho umuturage amafaranga akoresha ku mwaka na yo yiyongereye mu myaka 7 ishize.

Dr Nngirente ati: "Umusaruro mbumbe w'Umunyarwanda ku mwaka wiyongereyeho 30%, ni ukuvuga ko yavuye ku mpuzandengo y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni 1 n'ibihumbi 113 n'amafaranga 750 (angana n'amadolari y'Amerika 784), ubu tukaba tugeze ku amafaranga y'u Rwanda 1.461.797,40 (angana n'amadolari ya Amerika 1,029)."

Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente yavuze ko ubukungu bwiyongereye ku banyarwanda biturutse guteza imbere amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro no guteza imbere inganda aho abaturage bagiye bahabwa akazi, kabafasha kwiteza imbere.

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurisha mibare (NISR) muri Mata 2025, cyagaragaje ko ubukene mu Banyarwanda bwagabanyutse mu myaka 7 ishize, buva kuri 39% bugera kuri 27% mu 2024.



Minisitiri w'Intebe Edouard Ngirente, yagaragaje uburyo amafaranga y'imbere mu gihugu akomeza kwiyongera mu ngengo y'imari




Miliyari zisaga 433 z'amafaranga y'u Rwanda, zigiye gushorwa mu bikorwa by'iterambere ry'u Rwanda mu gihe cy'imyaka ine iri imbere

# OPEC Fund igiye gushora miliyari 433 mu iterambere ry'u Rwanda

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Ikigega Mpuzamahanga cy'Iterambere (OPEC Fund for International Development, OFID) cyatangaje ko kigiye gushora miliyoni 300 z'amadolari y'Amerika, ni ukuvuga miliyari zisaga 433 z'amafaranga y'u Rwanda, mu bikorwa by'iterambere ry'u Rwanda mu gihe cy'imyaka ine iri imbere.***

Amasezerano yashyiriweho umukono i Vienna muri Austria ku wa 17 Kamena, hagati ya Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi Yusuf Murangwa n'Umuyobozi wa OPEC Fund Dr. Abdulhamid Alkhalifa, akaba ari ay'inkunga izatangwa hagati y'umwaka wa 2025 kugeza mu mwaka wa 2028.

Ni umuhango wabereye aharimo kubera Inama ya OPEC Fund yiga ku iterambere ihurije hamwe abayobozi baturutse mu bihugu bitandukanye ku isi aho basabye uburinganira mu buryo gahunda mpuzamahanga zishyirwaho zikanakurikiranwa.

Ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere bisaba ko ubufatanye no guharanira icyerekezo kimwe n'ibihugu byateye imbere byarushaho kongererwa imbaraga aho kubitekerereza muri byose.

Biteganyijwe ko ayo masezerano azashorwa mu bikorwa by'ingenzi by'iterambere birimo kubaka ibikorwa remezo bigezweho, kongera imitangire inoze ya serivisi z'ibanze, ndetse no kwimakaza ibikorwa byo kwihangira imirimo hamwe no gushyigikira abikorera.

Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi ivuga ko by'umwihariko ubwo bufatanye buzashyigikira inzego zirimo ubuhinzi no gushyigikira uruhererekane rw'ibiribwa hibandwa ku guteza imbere ibikorwa byo kuhira no kubungabunga umusaruro, guteza imbere ikoreshwa ry'ingufu zisubira by'umwihariko ku zitangwa n'imirasire y'izuba, no mu bwikorezi hibandwa ku iterambere ry'iby'indege.

Partnership Framework to support key sectors including agriculture and food systems—with a focus on irrigation and post-harvest management—renewable energy, especially solar power—transport, with an emphasis on the aviation sector—and environmental restoration.

OPEC Fund ni rwo rwego rwonyine rw'iterambere ku Isi rutanga inkunga ku bigo by'abanyamuryango n'ibitabarizwa muri uwo Muryango. Ni umufatanyabikorwa w'u Rwanda kuva mu mwaka wa 1976 ubwo icyo kigega cyashingwaga n'ibihugu bihuriye mu Muryango Mpuzamahanga w'Iterambere (OPEC).

Ubufatanye bw'u Rwanda n'uyu Muryango bwibanda ku nzego zirimo ingufu, ibikorwa by'amazi, Isuku n'isukura, ubwikorezi, no guteza imbere urwego rw'abikorera.

Mu mwaka wa 2021, OPEC Fund yahaye u Rwanda inguzanyo ya miliyoni 20 z'amadolari y'Amerika yo gufasha kugeza ingufu ku baturage basaga 270.000 bo mu Karere ka Muhanga, aka Kamonyi n'aka Gakenke.

Iyo nkunga yaje ikurikira izindi miliyoni 20 z'amadolari y'Amerika icyo kigega cyatanze mu mwaka wa 2018 yifashishijwe mu mushinga ugamije gukemura ikibazo cy'amazi, isuku n'isukura mu Mujyi wa Kigali n'imijyi iwunganira.

Umuyobozi Mukuru wa OPEC Dr. Abdulhamid Alkhalifa, yavuze ko inkunga y'imyaka ine iri imbere izafasha mu kwihutisha iterambere ry'ubukungu, kurushaho kugabanya ubukene no kunoza imibereho y'abaturage binyuze mu guhanga imirimo no kunoza imitangire ya serivisi zibagenerwa.

Mu myaka ikabakaba 50 ikorana n'u Rwanda, OPEC imaze guha u Rwanda inkunga ya miliyoni zisaga 200 z'amadolari y'Amerika yifashishijwe by'umwihariko mu guteza imbere ubwikorezi, ibikorwa by'amazi, isuku n'isukura, ingufu ndetse no gushyigikira ubucuruzi mu nzego zazahajwe n'icyorezo cya COVID-19.

# U Rwanda rwerekanye imishinga y'ubwikorezi izahuza Akarere

**NTAWITONDA Jean Claude**

***U Rwanda rwitabiriye mu Nama Isanzwe yo ku Rwego rw'Abaminisitiri ihuza Inama y'Abaminisitiri b'Ibihugu bihuriye mu Muhora wo Hagati (Central Corridor), aho u Rwanda rwamuritse imishinga itatu y'ibikorwa remezo by'ubwikorezi izafasha mu kurushaho guhuza Akarere k'Afurika y'Iburasirazuba.***



Imishinga y'ubwikorezi izahuza Akarere izoroshya imigenderanire n'ubuhahirane

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo Kabera Olivier, ni we wahagarariye u Rwanda muri iyo nama irimo kubera i Dar es Salaam muri Tanzania, isuzuma gahunda z'ingenzi zigamije kongera ubucuruzi bw'Akarere, guhuza ibihugu bikagize n'imikoranire ihamye mu bukungu.

Kabera Olovier yagaragaje imishinga itatu y'ingenzi u Rwanda rwitezeho kuzagira uruhare rukomeye mu guhuza ibihugu bihuriye mu Muhora wo Hagati uhuza ibihugu birindwi ari byo Tanzania, u Burundi, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), Uganda, u Rwanda, Malawi na Zambia.

Kabera yavuze ko u Rwanda rukomeje guteza imbere imishinga ikomeye y'ibikorwa remezo by'ubwikorezi izongera imbaraga zshyirwa mu guhuza Akarere, irimo umuhanda Ngoma-Bugesera-Nyanza, icyambu cya Rubavu n'icya Rusizi, n'Ikibuga gishya cy'Indege cya Bugesera.

## Umuhanda Ngoma-Bugesera-Nyanza

Umuhanda Ngoma-Bugesera-Nyanza ufite ibilometero 130, witezweho koroshya ubuhahirane, aho ibicuruzwa bituruka ku mupaka wa Rusumo bizajya bikomeza mu Ntara y'Amajyepfo bitarindiriye kujya guca mu Mujyi wa Kigali.

Uwo muhanda wubatswe mu byiciro bibiri watanze akazi ku baturage batandukanye bo mu tara y'Iburasirazuba n'iy'Amajyepfo.

## Icyambu cya Rubavu n'icya Rusizi

Ibi byambu byombi byitezweho koroshya ubuhahirane hagati y'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo nk'ibihugu bihurira mu Muhora wo Hagati no mu Muryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC).

Icyambu cya Rubavu gifite ubushobozi bwo kwakira imizigo isaga toni 2000 buri munsi, aho Cyubatswe kuri hegitari ebyiri kikaba gifite ubushobozi bwo kwakira ubwato bubiri, bumwe bangana na metero 60 z'uburebure n'ubushobozi bwo kwikorera toni 500 z'ibicuruzwa.

Icyambu cya Rusizi na cyo cyitezweho kujya cyakira abagenzi miliyoni 2 n'ibihumbi 300 ndetse n'imizigo ifite uburemere busaga toni miliyoni 1,3 buri mwaka. Ibindi byambu bigiye kubakwa harimo icya Nkora n'icya Karongi muri Rutsiro na Karongi.

## Ikibuga gishya cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali

Icyiciro cya mbere cy'Ikibuga gishya cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali giherereye mu Karere ka Bugesera cyitezweho gutahwa mu mwaka wa 2028, kikazageza mu mwaka wa 2032 gifite ubushobozi bwo kwakira abagenzi basaga miliyoni 14 mu gihe cy'umwaka.

Ayo mafaranga ari muri miliyari 1.200 z'amafaranga y'u Rwanda ari ku nyongera y'ingengo y'imari ya miliyari 7.032 iteganywa ko izakoreshwa mu mwaka utaha wa 2025/2026.

Umushinga wo kubaka icyo kibuga giherereye mu bilometero 40 uturutse mu Mujyi wa Kigali, watinze kuzura kubera ingaruka z'icyorezo cya COVID-19 cyibasiye Isi guhera mu mwaka wa 2019.

Ku ikubitiro iyubakwa ry'icyo kibuga cy'indege cya cyatangiye kubakwa mu mwaka wa 2017 kigomba gukorwa mu byiciro bibiri aho buri cyiciro kizaba gifite ubushobozi bwo kwakira abagenzi miliyoni 7 ku mwaka.

Ibyiciro byombi bizarangira ikibuga gishya cy'indege mpuzamahanga cya Kigali kizaba gifite n'ubushobozi bwo kwakira nibura toni 150.000 ku mwaka.

## U Rwanda rwashimye kongera imizigo ica mu Muhora wo Hagati

Kabera Olivier yashimye intambwe imaze guterwa n'Ikigo gishinzwe koroshya ubwikorezi bw'imizigo mu Muhora wo Hagati (CCTTFA) yo kongera ingano y'imizigo ica mu Muhora wo Hagati yavuye kuri toni 22.9 ikagera kuri toni 24.5 bigatuma n'imisoro ikusanyw aiva kuri miliyoni 4.9 z'amadolari y'Amerika ikagera kuri miliyoni 5.5 z'amadolari.

Yagaragaje ko iyo ari igihamya cy'ingenzi cy'iterambere ry'ubucuruzi bukorwa mu Karere ndetse n'ubwikorezi burushaho kunozwa.

Kabera yaboneyeho gushimangira ukwiyemeza k'u Rwanda mu gushyigikira icyerekezo cya CCTTFA, anashimira ubunyamabanga bwayo uruhare igira mu guteza imbere Umuhora wo Hagati ugahinduka moteri y'ubucuruzi bw'Akarere n'iterambere rirambye.





# Abarimu bagiye gusuzumwa abatazi Icyongereza bavanwe mu kazi

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente Edouard yatangaje ko Guverinoma y'u Rwanda irimo gutegura gahunda yo gusuzuma abarimu bigisha mu mashuri abanza n'ayisumbuye niba bazi Icyongereza bigishamo, uwo bigaragaye ko atazi urwo rurimi agakurwa mu kazi.***



Harateganywa isuzuma, umwarimu bizagaragara ko atazi icyongereza azahagarikwa mu kazi

Yabikomojeho ku wa Kane tariki ya 19 Kamena 2025, ubwo yahaga ikiganiro abagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi ku byagezweho mu rwego rw'Imibereho y'Abanyarwanda.

Depite Balinda Rutebuka yagaragaje impungenge ku ireme ry'uburezi, ahanini rishingira ku bumenyi buke bw'abarimu ku rurimi rw'Icyongereza.

Ati: "Abarimu bagisha mu rurimi rw'Icyongereza nk'ururimi bigishamo, umubare wabo uracyari hasi cyane."

Yavuze ko kuba abo barimu batazi Icyongereza bigira ingaruka zikomeye ku ireme ry'uburezi, kuko nta muntu wabasha kwigisha mu rurimi batazi.

Ati: "Twagira ngo tumenye ingamba zihari kuko gahunda yo kwigisha icyongereza imaze imyaka myinshi bitangiye."

Mu rwego rwo kugikemura, Dr Ngirente yavuze ko u Rwanda rwamaze gutangiza gahunda yo kuzana abarimu b'inzobere bo muri Zimbabwe, bigisha mu mashuri y'inderabarez (TTCs), mu rwego rwo guteza imbere ubumenyi bw'icyongereza ku barimu b'ejo hazaza.

Yagize ati: "Twazanye abarimu bo mu gihugu cya Zimbabwe, tubaha n'ibikoresho bikeneshwa mu mashuri, ariya mashuri [nderabarezi] twayahaye umwihariko, abarimu bayigamo bazasohoka muri uyu mwaka w'amashuri."

Yavuze ko abo barimu nibamara gusohoka baza bamaze kugira ubushobozi bwo kwigisha neza icyongereza mu mashuri abanza n'ayisumbuye ariko badahagije, kuko ubu u Rwanda rufite amashuri 16 y'inderabarezi.

Yavuze ko, uretse aba barimo barimo gukarishya ubumenyi mu cyongereza hari na gahunda ngari iri gutegurwa izafasha abarimu bari mu kazi gukarishya ubumenyi mu cyongereza mu gihe cy'imyaka ibiri.

Yagize ati: "Hari gahunda dufite mu myaka ibiri, izafasha abarimu bari mu kazi ubu bakiga Icyongereza, hanyuma bagakora ikizamini ugitsinze akagumba mu bwarimu, utagitsinze bikagaragara ko ashoboye, kuko atazaba ashoboye ururimi rwigishwamo."

Guveirinoma y'u Rwanda ivuga ko iyo gahunda ikirimo kunozwa aho biteganyijwe ko hazashyirwaho ibigo byabugenewe byigisha abarimu mu gihe cy'imyaka ibiri.

Mu gihe izaba yamaze gushyirwa mu bikorwa abarimu bazaba barangije guhugurwa muri ayo masomo yihariye ku Cyongereza bazahabwe ibizamini bisuzuma niba barakimenye neza.

# Kigali: Imyanda yo mu musarani ntizongera gutwarwa i Nduba

**KAMALIZA Agnes**

**Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gukwirakwiza Amazi, Isuku n'Isukura (WASAC Group) cyatangaje ko imyanda ividurwa mu misarani yo mu Mujyi wa Kigali itazongera gutwarwa i Nduba mu Karere ka Gasabo, ahubwo izajya yerekezwa i Masaka mu Karere ka Kicukiro ahagiye kuzura uruganda ruyitunganya.**




Imyanda yo mu bwiherero igiye kujya ijyanwa i Masaka ahari uruganda ruzajya ruyikoramo ifumbire

Umuyobozi Mukuru wa WASAC Group Prof. Omar Munyaneza, yavuze ko urwo ruganda ruzajya rutunganya ifumbire igezweho muri ayo mazi yanduye avidurwa mu misarani, ashiomangira ko imirimo yo gutunganya urwo ruganda iri hafi kugera ku musozo.

Mu kiganiro Prof Omar Munyaneza, yahaye RBA, yavuze ko imyanda ividurwa mu misarani yo mu bice bitandukanye by'Umujyi wa Kigali igiye kijya itwarwa muri urwo ruganda rurimo kubakwa mu Mudugudu wa Kajevuba, Akagari ka Gitaraga mu Murenge wa Masaka.

Prof. Munyaneza yavuze ko bitewe n'uburyo ikimpoteri cya Nduba kiri gutunganywa mu buryo bugezweho, ubu hari kurebwa uko hashyirwa ibishingwe gusa hanyuma indi myanda y'amazi ikajyanwa i Masaka gutunganyirizwayo.

Yagize ati: "Ubungubu turi kugira ngo iyi myanda y'amazi yanduye twe kuyivanga n'ibishingwe byavuye mu ngo, hariya i Nduba hajye ibishingwe hanyuma ibijyanye n'amazi tubijyanye i Masaka."

Ubwo yasobanuraga iby'uruganda yongeyeho ati: "Uruganda na rwo, ni ibyuma bigomba gushyirwaho. Aho kubishyira haratunganye turizera ko mu kundi kwezi biba bigeze mu Rwanda. Uruganda ruzaba rukozwe n'ibyuma bimwe bikorerwa mu nganda ndetse byamaze no kuva mu gihugu byakorewemo biri kuza mu Rwanda turizera ko nyuma y'ibyumweru bibiri cyangwa bitatu bizaba byageze hano i Kigali."

Yemeje ko nyuma yo kuhagera bizatangira gushyirwaho kandi bitarenze ukwezi cyangwa abiri bizaba birangiye.

Biteganyijwe ko imirimo yo kurwubaka izarangira itwaye arenga miliyari 8 z'amafaranga y'u Rwanda aho ruzaba rufite ubushobozi bwo kwakira metero kibe 400 buri munsi.

Binateganyijwe ko nyuma y'imyaka 10 urwo ruganda ruzafasha abaturage bagera kuri miliyoni hafi ebyiri batuye mu Mujyi wa Kigali kurangwa n'isuku mu ngo zabo babona aho kujugunya imyanda n'amazi mabi yakoreshejwe.

# Umubare w’abana bapfa bari munsi y’imyaka 5 wagabanyutseho 22/1000

NYIRANEZA Judith

***Umubare w’abana bapfa bari munsi y’imyaka itanu, ku bana 1000 bavuka ari bazima, wagabanyutseho 22/1000 kuko wavuye kuri 58/1 000 mu 2017 ukagera kuri 36/1 000 muri uyu mwaka.***



**Umubare w’abana bapfa bari munsi y’imyaka itanu,ku bana 1000 bavuka ari bazima, waragabanyutse**

Byatangajwe na Minisitiri w’Intebe Dr Ngirente Edouard ubwo yagezaga ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi ishusho y’ibikorwa bya Guverinoma ku byagezweho mu rwego rwo guteza imbere imibereho myiza y’Abanyarwanda, ku wa Kane tariki ya 19 Kamena 2025.

Yagize ati: “Ku bana bavuka ari bazima, umubare w’abana bapfa waragabanyutse uva kuri 58 twariho mu 2017 ugera kuri 36 muri uyu mwaka, ariko twifuza ko umubare wakomeza ukamanuka cyane. Ibyo byerekana ko ibyakozwe byose mu rwego rw’ubuzima byagabanyije imfu z’abana.”

Bimwe muri ibyo bikorwa by’ubuzima harimo kuba aho kwivuriza harongerewe nk’amavuriro y’ibanze, ibigo nderabuzima, ibitaro n’abaganga bakongererwa ubumenyi mu byiciro bitandukanye.

Dr Ngirente yagize ati: “Kongera umubare w’amavuriro, uw’ibitaro biva kuri 52 bigera kuri 57, hari n’ingamba zo kongera abaganga b’inzobere, kuko ibitaro byigisha byo ku rwego rwa 2, no mu by’Uturere abaganga b’inzobere bazagenda bongerwa, hanongerwe abaforomo.

Hatangiye gahunda zo kwigisha abaganaga b’inzobere kandi bitaduhenze mu mashami 19 y’ubuvuzi bwihariye. “

Yakomeje agira ati: “Ikigero cy’abaganga ku baturage 100 000 cyazamutse mu 2017 kiva ku bihumbi 111 mu 2017 kigera hafi ku bihumbi 20. Umubare w’abafororo wari 55/100 000 ugera ku baturage 112/100 000. Umubare w’ababyaza wavuye kuri 48 ku babyeyi 100 000 ugera kuri 84 ku bagore 100 000.”

Ikindi ni uko n’uburyo bwo kugera aho kwivuriza n’ubwishingizi mu kwivuza byoroherereje abaturage.

Ati: ‘Mituweli yemeraga imiti ubwoko 800 gusa none ubu yakwishyura ubwoko bw’imiti 1500, bigatuma buri wese abona imiti ihagije. Mituweli ikomeje gufasha bakivuza byoroshye ntibazahazwe n’indwra. Umubare w’ingo zakoraga urugendo zijya ku bigo nderabuzima zavuye 22% mu 2017 zigera jkuri 30% kuri ubu.”

Ku birebana n’ubuzima bw’umubyeyi, naho imibare y’abapfaga batanga ubuzima yaragabanyutse.

Ati: “Ku Isi haba hari umubare w’abashobora gupfa mu gihe cyo kubyara ugereranyije n’imbyaro 100 000. Uwo mubare wagabanyutseho ku kigereranyo cy’imbyaro ibihumbi 100 wavuye ku babyeyi 210 muri 2017 ugera kuri 105 muri 2025. Nubwo iryo gabanyuka ryabaye, ubundi twifuza ko ntawakabaye apfa arimo kubyara.”

Minisitiri w’Intebe Dr Ngirente kandi yasobanuye ko ibikorwa remezo birimo gutunganya imihanda, kwegereza abaturage amavuriro byazamuye umubare w’ababyarira kwa muganga.

Ati: “Umubare w’ababyeyi babyarira kwa muganga wariyongereye kuko amavuriro yegereye abantu, umuntu yajyaga kwa muganaga akaba yabura uko ahagera agiye kubyara, ubu arahagera ku buryo bworoshye, byatumye umubare w’ababyarira kwa muganga wiyongera ubu bakaba bageze 93%. Ni mu gihe 91% babyarira mu bitaro bya Leta, ariko ari n’ibyabigenga byose ni inyungu kuko na bo bakorera Leta bigatuma nibura bafasha abo babyeyi bagiye kubyara.”

Mu Kubungabunga ubuzima bw’umwana n’umubyeyi kandi bahabwa ibibarinda igwingira.

Ati: “Mu kiurwanya igwingira, hashyizweho ingamba kongera ibiribwa bikungahaye ku ntungamubiri aho mu 2024, toni zirenga 7 000 zahawe abana naho abagore batwite bahawe 2000.”

Ibyakozwe mu rwego rw’ubuzima byatumye icyizere cyo kubaho kizamuka kuko umuntu aba afite byose byo kuzamura imibereho myiza, cyavuye ku myaka 66,2 kigera ku myaka 70.



**U Rwanda na Indonesia mu bufatanye no kwihutisha uburyo bwo kurwanya, gusuzuma no kuvura kanseri y’inkondo y’umura**

# U Rwanda na Indonesia baganiriye uko bahangana na kanseri

KAYITARE Jean Paul

***Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y’Ubuzima mu Rwanda, Dr. Yvan Butera, uri muri Indonesia, yabonanye na Minisitiri w’Ubuzima muri iki gihugu, Budi Gunadi Sadikin.***

Minisiteri y’Ubuzima ibinyujije ku rubuga rwa X, yatangaje ko abayobozi bombi baganiriye ku mikoranire y’ibihugu byombi mu guhangana na kanseri, guhanga ibishya no gukoresha ikoranabuhanga mu buvuzi.

Ibiganiro by’abayobozi bombi byabaye nyuma y’aho ku wa Kane tariki 19 Kamena 2025, Umunyamabanga wa Leta Butera Yvan yifatanyije n’abandi bayobozi bo ku rwego mpuzamahanga mu rwego rwo gukomeza ubufatanye no kwihutisha uburyo bwo kurwanya, gusuzuma no kuvura kanseri y’inkondo y’umura.

Dr Butera, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y’Ubuzima, yabwiye bitabiriye inama mpuzamahanga ‘Global Cervical Cancer Elimination Forum’ yabereye muri Indonesia, yavuze ko u Rwanda rukomeje gahunda yo kwihutisha kurwanya, gusuzuma no kuvura kanseri, hagamijwe kuyirandura bitarenze 2027.

Kanseri y’Inkondo y’Umura ni yo ya kabiri muri Kanseri zifata zikanahitana umubare w’abantu benshi mu Rwanda, kuko imibare ya Minisiteri y’Ubuzima, MINISANTE, igaragaza ko buri mwaka abandura iyo kanseri ari 866, mu gihe ihitana abagera 609.

Abibasiwe cyane n’iyo ndwara mu Rwanda, bari hagati y’imyaka 30-45.

Gahunda y’Igihugu yo kurandura Kanseri y’Inkondo y’umura (2024-2027), igaragaza imirongo migari izafasha u Rwanda kugera ku ntego ya 90-70-90 mbere y’umwaka wa 2030 washyizweho na WHO.

Zimwe mu ntego z’ingenzi zirimo, Gukingira 90% by’abangavu virusi ya HPV itera kanseri y’inkondo y’umura, Gusuzuma 70% by’abagore bari hagati y’imyaka 30-49 hakoreshejwe uburyo bwizewe bwa HPV DNA no guharanira ko 90% by’abagore basanzwemo kanseri babonera ku gihe ubuvuzi bukwiye.





# Gasabo: Polisi yafashe abantu 13 bakekwaho ubujura

KAYITARE Jean Paul

***Polisi y’Umujyi wa Kigali yatangaje ko mu rwego rwo gukomeza kurwanya ubujura bukorerwa abaturage, ku wa Kabiri tariki ya 17 Kamena 2025, yafashe abantu 13 bakurikiranyweho icyaha cy’ubujura.***

Abakekwaho uko 13 bafatiwe mu Karere ka Gasabo mu Mirenge ya Ndera na Jali, aho bakekwaho gutega abaturage bakabambura ndetse bakanabakomeretsa abandi bakiba amatungo n’imyaka mu mirima.

Umuvugizi wa Polisi mu Mujyi wa Kigali, CIP Wellars Gahonzire, yabwiye Imvaho Nshya ko mu Murenge wa Ndera mu Kagali ka Bwiza hafatiwe abantu 10 bakekwaho ubujura bw’amatungo, bakaniba imyaka mu mirima.

Akomeza agira ati: “Amakuru yo kubafata yatanzwe n’inzego za ho zibanze ndetse n’abaturage, aba bajura bakaba bari ba ruharwa kuko bari bamaze igihe bashakishwa ariko kubera kwihisha batinda gufatwa, aba bafashwe nyuma yaho mu cyumweru gishize muri uyu Murenge hari hafatiwe abandi bajura 7.”

CIP Gahonzire avuga ko ahandi hafatiwe abajura ari mu Murenge wa Jali, mu Kagali ka Buhiza, ahafatiwe abakekwaho ubujura 2.



**Aba ni abafashwe bakekwaho ubujura**

Ati: “Aba twabafashe nyuma yuko baraye bateze umugore witwa Mukakabanda Beatha w’imyaka 53 bamwambura telefone yo mu bwoko bwa techno bakaba bafashwe bafite inkoni n’ibyuma.”

Yavuze ko aba bafashwe nyuma ya ho ku munsi w’ejo ku wa Mbere tariki 16 Kamena, nabwo muri uyu Murenge hari hafatiwe undi musore na we wari wateze abaturage babiri arabambura ndetse aranabakomeretsa.

Polisi y’Umujyi wa Kigali itangaza ko ibikorwa byo gufata abandi bakekwaho ubujura bakoranaga, bikomeje.

Abafashwe bafungiye kuri stasion ya Ndera na Jali kugira ngo bakurikiranwe ku byaha bakekwaho gukora.

Umuvugizi wa Polisi mu Mujyi wa Kigali, CIP Gahonzire, agaragaza ko Polisi y’ u Rwanda itazihanganira umujura cyangwa undi muntu wese ukora ibyaha.

Ati: “Abaturage barasabwa kwirinda gukora ibyaha cyane cyane ibyaha bihungabanya umutekano n’umudendezo by’Abaturarwanda.”

Polisi yibutsa abaturage bo mu Mujyi wa Kigali gukomeza gutanga amakuru ku bantu bose bakekwaho kuba abajura, no kujya batanga ibirego igihe bakorewe ibyaha kugira ngo bikurikiranwe.

# Abasaga 8 100 batuye ku birwa 11 muri 14 bituwe bagiye kwimurwa

ZIGAMA Theoneste

***Leta y’u Rwanda yatangaje gahunda yo kwimura abaturage barenga 8 100 batuye ku birwa 11 bitagira ibikorwa remezo bihagije birimo amashuri, amavuriro, amazi meza n’isoko.***

Minisiteri y’Ubutegetsi bw’Igihugu (MINALOC) yatangaje ko intego ari ukubatuza mu Midugudu igezweho kugira ngo babone amahirwe y’iterambere n’imibereho myiza nk’abandi baturage.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y’Ubutegetsi bw’Igihugu Kayisire Marie Solange, yabibwiye Komisiyo y’Imibereho y’Abaturage n’Uburenganzira bwa Muntu ya Sena ku wa Mbere tariki 16 Kamena 2025, asobanura ko ubuso buto n’aho ibi birwa biherereye bituma bidashobora guturwaho neza.



**Ni byiza ko abimurwa mu birwa babanza guhabwa ingurane ikwiye**

Yagize ati: “Nubwo ahantu haba hatababereye, hegitari 5 ntushobora kubakwaho isoko cyangwa ishuri. Abaturage barimo kwimurwa kandi bamwe bamaze gutuzwa.”

## Ibirwa bigiye kwimurwaho abaturage

Mu Karere ka Musanze, abaturage batuye ku birwa bya Mwegerera na Mukira baragera kuri 181 bo mu miryango 38, bakaba bagiye kwimurwa ku buso bwa hegitari 14.67.

Mu Karere ka Bugesera, abaturage 810 baturuka ku kirwa cya Sharita (imiryango 81) hamwe n’abavuye ku kirwa cya Mazane (hegitari 64) bamaze kwimuririrwa mu Murenge wa Rweru.

Mu Karere ka Burera, abaturage 104 baturutse mu miryango 26 batuye ku kirwa cya Muramira (hegitari 5) bagiye kwimurwa.

Muri Nyamasheke, abaturage bagera kuri 800 bo mu miryango 157 batuye ku birwa bya Mushungo na Muzira (hegitari 1.1), ndetse n’abagera ku 1,300 baturuka ku birwa bya Kirehe (1.2 ha), Rusizi (1.9 ha) na Tareri (55 ha) ni bo bagiye kwimurwa.

Mu Karere ka Rusizi, ikirwa cya Gihaya (imiryango 184, abaturage 1,506, hegitari 140) cyamaze kwimurwaho abaturage kikaba kizatezwa imbere mu bukerarugendo.

Muri rusange, abaturage bagomba kwimurwa ni 8.105 baturutse mu miryango irenga 900, ku buso bwa hegitari zisaga 230.

## Ibirwa bitazimurwaho abaturage

Hari ibirwa bitatu bizakomeza guturwa kubera ibikorwa remezo bihari n’ahazaza hifuzwa mu bukungu:

Mu Karere ka Rusizi, ikirwa cya Nkombo gifite imiryango 3,405 igizwe n’abaturage basaga 18,000, ku buso bwa hegitari 297. Gifite amashuri, amavuriro, Utugari 4, n’ubuyobozi bwihariye.

Mu Karere ka Rutsiro, ibirwa bya Bugarura (imiryango 442, abaturage 2,362, hegitari 126) na Birwa (imiryango 78, abaturage 353, hegitari 30) bizakomeza guturwa kandi biteganyijwe gutezwa imbere mu bukerarugendo no mu burezi.

## Sena yasabye ubushoshozi mu kwimura abaturage

Komisiyo y’Imibereho y’Abaturage n’Uburenganzira bwa Muntu muri Sena y’u Rwanda yasabye ko kwimura abaturage bikorwa mu mucyo no mu bwumvikane, abaturage bakagira uruhare mu byemezo, kandi bagahabwa ingurane ikwiye n’ubufasha mu gutura aho bimuriwe.

MINALOC yavuze ko bizakorwa ntawuhutajwe kuko iyi gahunda ari imwe mu ziteganyijwe na Leta zigamije kwimura abaturage batuye ahatagera ibikorwa remezo, kubashyira ahatunganyijwe hagamijwe iterambere rirambye n’imibereho myiza.

Mu gihugu hose, hari ibirwa 60, harimo 14 bituwe n’imiryango 4,600 igizwe n’abaturage 25,638, aho hakurikiranwa ko abahatuye bagumana imibereho myiza.

# Musanze: Baterwa ipfunwe n'abagore basinda bakarara ku nzira

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Mu Murenge wa Muko, Akarere ka Musanze, bamwe mu bagore bababazwa n'imyitwarire ya bagenzi babo babyukira mu tubari, bagatakaza icyubahiro n'umuco nyarwanda bitewe n'ubusinzi butuma barara ku nzira.***

Aba bagore bavuga ko hari bagenzi babo banywa urwagwa n'ibigage kuva mu gitondo kugeza ijoro ryose, bakarara ku nzira cyangwa bagacyurwa n'abandi, rimwe na rimwe basinziriye aho inzoga zabaganjirije.

Bavuga ko iyo myitwarire itesha agaciro umugore, ikanateza ingorane nyinshi mu muryango harimo ihohoterwa rishingiye ku gitsina, uburere buke bw'abana, n'amakimbirane mu ngo.

Umwe mu bagore wo muri uyu Murenge wa Muko yagize ati: "Hano iwacu dufite ikibazo gikomeye cy'abagore babyukira mu tubari bakageza nimugoroba, bagataha basinze cyangwa se ntibanabone uko bataha. Iyo inzoga zibazahaje baryama ku nzira, abandi bakabatwara mu maboko babateruye ibintu bidutera isoni ndetse bikadutesha n'agaciro nk'abagore b'Abanyarwandakazi."

Undi mubyeyi witwa Marembo Didacienne wo mu Kagari ka Cyivugiza yunze mu rye ati: "Ubundi umugore afite agaciro gakomeye mu muryango no mu gihugu, ariko hari bagenzi bacu babaye nk'abataye umuco. Hari uherutse gufatwa ku ngufu kubera ko yari yasinze bikabije, nta bushobozi bwo kwirwanaho afite. Ibi bitera ihungabana, kandi bigaragaza isura mbi y'umugore n'umuryango we."

Yongeraho ko abana b'abagore bateye gutyo usanga barabuze uburere, baragwingiye, abandi bakabura urukundo rwa kibyeyi kuko ababyeyi babo baba bari mu nzoga aho kuba mu rugo.

Bamwe mu bagabo bo mu murenge wa Muko bavuga ko bacecetse mu ngo zabo kubera ubusinzi bw'abagore babo.

Mupenzi Egide, yagize ati: "Ubu umugabo ntiyahirahira ngo avuge ku nshingano z'urugo, kuko iyo abikoze bihita bifatwa nk'ihohoterwa. Kuri ubu twafashe icyemezo ko umugabo atinya gutaha atinze, ngo atabazwa n'umugore wari mu kabari kuva mu gitondo n iba yatekeye abana cyangwa se yise ku matungo. Twahisemo kwinumira, ariko birababaje."

Yongeraho ko umugore ukwiye kuba isoko y'amahoro mu rugo, akaba umutima w'urugo, ariko ubusinzi buramuhindura ubwo bukaba bubaye intandaro y'amakimbirane.

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Nsengimana Claudien, avuga ko ubusinzi ari ikibazo ari ikibazo gikomeye ku buzima bwa muntu, ngo ariko iyo umugore aguye muri iyo ngeso bigira ingaruka zikomeye cyane cyane ku muryango we n'igihugu muri rusange.

Yagize ati: "Nta Munyarwanda ukwiye kurangwa n'ubusinzi, cyane ko budindiza iterambere. Umugore ni umubyeyi, ni inkingi y'umuryango. Iyo yasinze, ahungabanya byose abana, umugabo, n'umuryango wose. Tugiye gukomeza ibiganiro n'abaturage kugira ngo dufatanye guca iyi ngeso mbi yadutse, dushyire imbere umuco n'uburere."

Itegeko ryerekeye ibyaha n'ibihano muri rusange (2018) mu ngingo ya 265 rivuga ko umuntu wese usinda mu ruhame ku buryo buteye inkeke cyangwa bukabangamira ituze rusange ahanishwa igihano giteganywa n'amategeko igifungo kuva ku minsi 8 kugeza ku mwaka 1, n'ihazabu y'amafaranga yari hagati ya 20.000 by'amafaranga y'u Rwanda na miliyoni imwe (bitewe n'ingaruka).



Abagore bo muri Muko ngo baterwa ipfunwe no kuba hari bamwe muri bagenzi babo barangwa n'ubusinzi



Inama yitabiriwe n'ingeri zitandukanye ku mpande zombi

## Nyagatare: U Rwanda na Uganda mu ngamba zo gukumira ibyaha byambukiranya imipaka

**HITIMANA Servand**

***U Rwanda na Uganda baganiriye ku kurushaho kunoza umubano w'ibihugu byombi bagafatanyiriza hamwe kurwanya ibyaha byambukiranya imipaka birimo icuruzwa ry'ibiyobyabwenge, abanyura ku mipaka itemewe, n'ibindi bikorwa bya magendu buca ku mipaka.***

Ni ibyagarutsweho kuri uyu Kane, tariki ya 19 Kamena 2025 mu Karere ka Nyagatare, mu biganiro byahuje Abayobozi b'Intara zikora ku mipaka zirimo iy'Amajyaruguru n'iy'Iburasirazuba, n'abayobozi mu nzego z'ibanze n'iz'abikorera b'ibihugu byombi.

Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba, Rubingisa Pudence yagaragaje ko ikigambiriwe ari ukunoza uwo mubano hakabaho ibikorwa bibahuza harwanywa ibyaha.

Ati: "Turafatanya kurwanya ibyaha byava mu bikorwa byambukiranya imipaka haba ari icuruzwa ry'ibiyobyabwenge, amatungo yambukiranya adafite uburenganzira, tukanoza uburyo byakorwa neza tugakoneza tugahahirana ariko biciye mu buryo bwiza."

Si ibyo gusa kuko banunguranye ibitekerezo ku ngamba zigamije kongera urujya n'uruza rw'abantu ku mipaka y'ibihugu byombi, abaturage bakangurirwa gukoresha imipaka yemewe hanatezwa imbere ubuhahirane.

Guverineri Rubingisa yagaragaje ko nubwo ibihugu bifite imipaka ibitandukanya ariko imibanire y'abayegereye ku mpande zombi ari ntamakemwa.

Yongeyeho ko ibihugu byombi byahuye mu rwego rwo kunoza umubano usanzweho cyane ko bisanzwe ari ibivandimwe.

Yagize ati: "Ibihugu byacu bibanye neza, ni ibihugu by'inshuti, by'abavandimwe ibyo kandi tubibonera cyane ku mibanire y'abaturage bacu bahurira kuri iyo mipaka, twakwita ko ari imipaka ihari mu buryo bw'ibihugu ariko idahari mu buryo bw'imibanire.

Ni umwanya mwiza wo kuganira no kungurana ibitekerezo ku mikoranire y'inzego zacu, hagamijwe gufasha abaturage b'ibihugu byacu gukora ibikorwa byabo bibateza imbere. Aha tureba ibishobora kuba imbogamizi mu migenderanire, ubucuruzi n'ibindi."

KOMEZA KU RUP.17





## Nyagatare: U Rwanda na Uganda mu ngamba zo gukumira ibyaha byambukiranya imipaka

IBIKURIKIRA URUP.16

Ku ruhande rwa Uganda, Anthony Nyamara Komiseri ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, yavuze ko umuhuro nk'uyu ari ingenzi ku bihugu by'abaturanyi bakaba n'abavandimwe.

Yagize ati: "Twazanye n'abahagarariye abaturage ndetse n'abikorera. Aha rero turebera hamwe uko twarushaho gukorana nk'abavandimwe. Niba ukeneye kwambuka umupaka yambuka, yaba agiye gusura abantu cyangwa ari mu bucuruzi. Iyo hanogejwe uburyo bwo korohereza abantu mu rujya n'uruza, bituma dukumira abakoresha inzira zitemewe çyane abakora ubucuruzi bwambukiranya imipaka."

Abaturage baturiye imipaka bakanguriwe kurwanya ibyaha byambukiranya imipaka, no gukoresha imipaka yemewe.



**Anthony Nyamara Komiseri ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu muri Uganda**




Abofisiye 34 basoje amasomo mu Ishuri Rikuru rya Polisi

# Abofisiye 34 baturutse mu bihugu 9 bya Afurika bahawe impamyabumenyi

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Ishuri Rikuru rya Polisi riherereye i Musanze ryashyikirije impamyabumenyi abofisiye 34 bakomoka mu bihugu icyenda bya Afurika, barangije amasomo y'icyiciro cyisumbuye cya Police Senior Command and Staff Course*** (PSC).

Ni amahugurwa yibanda ku guteza imbere ubufatanye n'imiyoborere ishingiye ku mutekano n'amahoro.

Uyu muhango wabaye ku wa Gatanu tariki 20 Kamena 2025, witabiriwe n'abayobozi bakuru barimo Minisitiri w'Umutekano mu gihugu, Dr. Vincent Biruta, n'Umuyobozi w'Ishuri Rikuru rya Polisi, CP Rafiki Mujiji.

Abasoje amasomo bahawe impanuro n'ubutumwa bw'ubutwari, basabwa gukomeza kuba indorerwamo y'ubufatanye no kurangwa n'indangagaciro z'umutekano n'amahoro mu karere.

Dr. Biruta yavuze ko aya masomo agira uruhare rukomeye mu kurwanya ibibazo bishobora guhungabanya umutekano bikomeje gufata indi ntera muri Afurika ndetse no mu Isi, ashimangira ko ubufatanye ari bwo nzira y'icyizere.

Yagize ati: "Uyu munsi si uwa buri wese, ni uw'abahisemo gukorera amahoro abaturage babo. Aya masomo azabafasha guhangana n'ibibazo bikomeye byugarije Afurika yacu, binyuze mu bufatanye, hakomeza guhangwa udushya mu bijyanye no kubungabunga umutekano."

Yongeyeho ko abo bofisiye bakwiye kuba "ba Ambasaderi b'amahoro n'ubwiyunge", haba mu bihugu byabo no mu karere kose.

Ku ruhande rwe, CP Rafiki Mujiji yavuze ko iyi gahunda ya PSC ari urufunguzo rw'ubufatanye hagati y'ibihugu bya Afurika mu bijyanye n'umutekano.

Yagize ati: "Dushima uburyo abanyeshuri bose uko baturutse mu bihugu icyenda basangiye ubunararibonye n'imico. Guhuza ibitekerezo bizafasha mu guhangana n'ibyaha byambukiranya imipaka, murasabwa rero gukomeza kuba umusemburo w'amahoro no kuzabyaza umusaruro aya masomo mwabonye murangiza inshingano zanyu,"

Abo bofisiye bigishijwe amasomo arimo imibanire mpuzamahanga, imiyoborere mu nzego z'umutekano, ubufatanye mu kubungabunga amahoro, ndetse n'uburyo bwo kurwanya ibyaha bijyanye n'umutekano w'akarere. Amasomo yateguwe ku bufatanye n'Ishuri Rikuru rya Polisi, Kaminuza y'u Rwanda n'abandi bafatanyabikorwa mpuzamahanga.

SP Brigitte Uwamahoro, umwe mu banyeshuri b'abanyempano witwaye neza mu masomo no mu myitwarire w'Umunyarwandakazi, yavuze ko aya masomo amuhaye icyerekezo gishya mu bikorwa bye bya buri munsi.

Yagize ati : "Nize ku bushake, nemera gutanga igihe cyanjye, ndetse n'umuryango wanjye nsa n'uwiyibagije, muri rusange ubwenge n'umutima nawushyize ku masomo ngamije gutsinda ngo nzakorere igihugu cyanjye, ariko ibyo byose byagize umumaro.

Niteguye gukorera igihugu cyanjye mu buryo bw'umwuga, kandi niteguye n'ubutumwa bwo hanze, ndashishikariza Abanyarwandakazi kuza mu gipolisi cy'u Rwanda na bo bagatanga umusanzu mu kubaka u Rwanda "

Lieutenant Colonel James Garang Piol wo muri Sudani y'Amajyepfo na we yashimye ko n'ubwo baturuka mu bihugu bitandukanye, bagize umwanya uhagije wo gusangira ibitekerezo, ubunararibonye ndetse n'umuco.

Ati: "Twahuye duturuka hirya no hino, ariko twese dufite intego imwe: kurinda ituze n'iterambere. Ibyo twasangiye bigaragaza ko ibisubizo by'ibibazo byacu bigomba gushingira ku bufatanye."

Abagize iri tsinda ry'abofisiye risoje amasomo bavuga ko bateye intambwe ifatika mu rugendo rwo gushyigikira umutekano urambye ku mugabane wa Afurika, binyuze mu kwigira hamwe no gusangira ubumenyi.

Abarangiza amasomo y'icyiciro cya Police Senior Command and Staff Course bavuga ko akomeje gutanga umusanzu ukomeye mu guha ubushobozi abayobozi mu nzego z'umutekano, no guteza imbere umubano n'ubwuzuzanye mu guhangana n'ibibazo bihuriweho ku rwego rw'akarere.

# Gakenke: Abakoresha umuhanda wa Buranga–Kamubuga–Base barifuza imodoka zibatwara

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abaturiye ndetse n'abakoresha umuhanda wa kaburimbo wa Buranga–Kamubuga–Base, ufite uburebure bwa kilometero 42, barasaba ko hashyirwamo imodoka zitwara abagenzi, kuko babangamirwa n'ikibazo cy'ubwikorezi, nubwo bafite umuhanda wa kaburimbo wubatswe neza.***

Aba baturage bo mu Mirenge ya Nemba, Kamubuga na Base bavuga ko nyuma yo guhabwa umuhanda wa kaburimbo bishimye, ariko ubu baravuga ko bibabaje kuba bagikoresha amagare n'umutwe mu kugeza imyaka ku isoko cyangwa mu ngendo zindi, nko gusura inshuti n'imiryango.

**Mundanikure Marita** yagize ati: "Twishimira ko twahawe umuhanda wa kaburimbo, uroroshye kugendwamo. Ubu ibiciro bya moto uva Buranga ujya Base byaragabanyutse, ubu ni amafaranga 1 500 avuye kuri 3 000. Ariko turifuza ko haboneka imodoka zitwara abagenzi kuko kugenda twikoreye cyangwa tudafite amafaranga yo kwishyura moto bidukomerera. Tubonye imodoka byadufasha cyane."

Aba baturage banasaba ko hashyirwa imodoka zitwara imizigo, kuko byabafasha kugeza umusaruro wabo ku masoko bitabagoye.

**Habimana Jean de Dieu** agira ati: "Mu Mirenge yacu tweza imyaka myinshi kandi inyuranye harimo ibishyimbo, ibijumba, ibitoki, ibisheke n'ibindi. Ariko kubera ko nta bashoramari bashyiramo imodoka zitwara imizigo, dukomeza gutwara imyaka ku mutwe, bigatuma tujyana duke kandi bitugiraho igihombo. Hari n'igihe dukoresha amafaranga mu nzira, nk'ay'ifunguro, ubwo urumva ko nta kintu tugeza mu rugo."



Umuhanda Buranga- Kamubuga- Base abawugana bifashisha amagare na moto kuri ubu

Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, **Mukandayisenga Vestine,** avuga ko iki kibazo gishingiye ku kuba Akarere kataragira aho abagenzi bategera imodoka, ngo ni hamara kuboneka na byo bizatuma abashoramari bashishikarira gushyira imodoka muri uriya muhanda.

Yagize ati: "Natwe turifuza ko uriya muhanda wabyazwa umusaruro kuko Perezida wa Repubulika Paul Kagame yawuhaye Abanyagakenke ngo ubafashe mu iterambere. Ariko nk'uko mubizi, Akarere kacu nta gare kari gafite. Ubu tugiye gutangira kuyubaka.

Nitumara kubona aho abagenzi bategera imodoka, n'abashoramari bazatangira kuhageza imodoka. Ikindi ni uko hari indi mihanda igikomeje kubakwa; ibyo byose ni byo bigiye kudufasha kugira ngo ubwikorezi bugende neza."

Uyu muhanda wa Buranga–Kamubuga–Base wuzuye utwaye amafaranga y'u Rwanda angana na miliyari 7. Nubwo abaturage bavuga ko bakigorwa n'ikibazo cy'ibura ry'imodoka zitwara abagenzi n'imizigo, barashima ko hari impinduka nziza zabayeho mu koroshya ingendo, kuko mbere ngo bacaga mu binogo n'amabuye yabaga ashinyitse mu muhanda bigatuma baragira ingendo zisaba imbaraga nyinshi,n'umwanya munini.

# Burera: Kutagira icyanya cy'inganda bidindiza iterambere

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Bamwe mu bashoramari n'abaturage bo mu Karere ka Burera bavuga ko kutagira icyanya cy'inganda muri aka Karere kibateza igihombo, ndetse kikadindiza iterambere. Basaba ko hashyirwaho ahantu habugenewe ho kubakira inganda, kugira ngo bateze imbere Akarere kabo ndetse n'ubukungu bw'Igihugu muri rusange.***

Abaganiriye na Imvaho Nshya bavuga ko babura ibikoresho by'ibanze byifashishwa mu bikorwa by'ubwubatsi n'indi mirimo, bigatuma bajya kubishakira ahandi, cyane cyane mu mijyi nka Kigali na Musanze. Ibi bituma batakaza igihe n'amafaranga menshi, bigatera igihombo ku muturage usanzwe.

Ndizeye Evariste, utuye mu




Abaturage bavuga ko kutagira icyanya cy'inganda ari imbogamizi ku iterambere ryabo

Murenge wa Kagogo, yagize ati: "Kuba nta nganda tugira muri Burera biduteza igihombo, cyane cyane ku bikoresho by'ubwubatsi nk'inzugi, sima n'ibindi. Ibi byose tubikura i Kigali cyangwa Musanze, bigatuma dutakaza amafaranga menshi y'ubwikorezi n'umwanya."

Na ho Rukundo Aimable, wo mu Murenge wa Cyanika, we avuga ko urubyiruko rwize imyuga n'ibijyanye n'inganda rubura aho rukorera, bigatuma bajya gushakira akazi ahandi, bagatakaza amahirwe yo kwizigamira no kwiteza imbere.

Yagize at: "Nize gutunganya umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi. Nagombye kuba nkorera hafi y'iwacu, ariko kubera ko nta nganda zihari, bizansaba kujya i Kigali gukorera kure y'iwacu, bityo bikagorana kwizigamira no kwiteza imbere."

Munyembaraga Jean de Dieu, ukuriye abikorera mu Karere ka Burera, na we yemeza ko kutagira icyanya cy'inganda ari imbogamizi ikomeye ku bikorera.

Yagize at: "Kuba nta cyanya cy'inganda gihari bidindiza ishoramari. Nkatwe abikorera dufite ubushake bwo kubaka inganda, ariko nta hantu habugenewe ho kuzikorera, bituma tudashobora gutangira imishinga."

Umuyobozi w'Akarere ka Burera, Mukamana Soline, yemeza ko iki kibazo bakizi, ariko asobanura ko cyatewe n'uko Akarere katari gafite igishushanyombonera. Yatangaje ko kiri gutegurwa kandi ko kizaba cyabonetse bitarenze umwaka wa 2025, bityo hakaboneka inzira yo gutangira kubaka icyanya cy'inganda.

Yagize ati: "Ni byo koko Burera nta cyanya cy'inganda gafite. Twakererewe kugishyiraho kuko twari tutarabona igishushanyo mbonera cy'Akarere. Ariko muri uyu mwaka wa 2025 kizaba cyabonetse, maze abashoramari batangire kubaka inganda."

Akarere ka Burera ni kamwe mu Turere duke tutari twabona igishushanyo mbonera ndetse nta cyanya cy'inganda. Kugeza ubu, gafashwa na gahunda zateguwe ku rwego rw'Igihugu.





## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

KUGIRA NGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU Ref **N° O25-079562** CYO KU WA **30/04/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI, USHINZWE KUGURISHA INGWATE **Me MUKARUREMA SHADIA** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'UBUTAKA BWUBATSEMO INZU UFITE **UPI: 5/02/04/03/395** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA REBERO , AKAGARI KA KANYEGANYEGE, UMURENGE WA KATABAGEMU AKARERE KA NYAGATARE, INTARA Y'IBURASIRAZUBA .UFITE UBUSO BUNGANA NA **12,408 M²** UWO MUTUNGO UKABA UFITE AGACIRO K'AMAFARANGA Y'URWANDA **14,900,000FRW**

**CYAMUNARA KUNSHURO YAGATATU IPIGANWA RIZAKOMEZA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA,KU WA 21/06/2025 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H ) RIRANGIRE KUWA 28 /06/ 2025 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H )**

ABIFUZA GUPIGANWA MURI IYI CYAMUNARA BAGOMBA KWIYANDIKISHA KURUBUGA RWA CYAMUNARA ARIRWO www.cyamunara.gov.rw KANDI BAKWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA **5%** BY'AGACIRO KOSE K'UMUTUNGO WAVUZWE HARUGURU INGANA N'AMAFARANGA Y'U RWANDA **745,000 FRW YISHYURWA UNYUZE KURUBUGA RWA CYAMUNARA** www.cyamunara.gov.rw

GUSURA INGWATE IGURISHWA BIKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NOMERO ZA TELEFONE IGENDANWA 0788629940

IFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA ARIRWO www.cyamunara.gov.rw

UZEGUKANA UWO UMUTUNGO MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI N° **102043823150001** IRI MURI VISION FUND RWANDA LTD YANDITSE KU MAZINA YA **MUKARUREMA Shadia.**

**BIKOREWE I KIGALI KU WA 11/06/2025**

**Me MUKARUREMA Shadia**

**USHINZWE KUGURISHA INGWATE**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRA NGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU Ref **N° O25-079576** CYO KU WA **30/04/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI, USHINZWE KUGURISHA INGWATE **Me MUKARUREMA SHADIA** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'UBUTAKA BWUBATSEMO INZU UFITE **UPI: 5/02/13/05/1628** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA RWIMIYAGA II , AKAGARI KA NYARUPFUBIRE , UMURENGE WA RWIMIYAGA AKARERE KA NYAGATARE, INTARA Y'IBURASIRAZUBA .UFITE UBUSO BUNGANA NA **576 M²** UWO MUTUNGO UKABA UFITE AGACIRO K'AMAFARANGA Y'URWANDA **12,000,000FRW**

**CYAMUNARA KUNSHURO YAGATATU IPIGANWA RIZAKOMEZA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA,KU WA 21/06/2025 SAA TANU (11H) ZA MUGITONDO RIRANGIRE KUWA 28 /06/ 2025 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H)**

ABIFUZA GUPIGANWA MURI IYI CYAMUNARA BAGOMBA KWIYANDIKISHA KURUBUGA RWA CYAMUNARA ARIRWO www.cyamunara.gov.rw KANDI BAKWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA **5%** BY'AGACIRO KOSE K'UMUTUNGO WAVUZWE HARUGURU INGANA N'AMAFARANGA Y'U RWANDA **600,000 FRW YISHYURWA UNYUZE KURUBUGA RWA CYAMUNARA** www.cyamunara.gov.rw

GUSURA INGWATE IGURISHWA BIKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NOMERO ZA TELEFONE IGENDANWA 0788629940

IFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA ARIRWO www.cyamunara.gov.rw

UZEGUKANA UWO UMUTUNGO MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI N° **102043823150001** IRI MURI VISION FUND RWANDA LTD YANDITSE KU MAZINA YA **MUKARUREMA Shadia.**

**BIKOREWE I KIGALI KU WA 20/06/2025**

**Me MUKARUREMA Shadia**

**USHINZWE KUGURISHA INGWATE**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRA NGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU Ref **N° O25-079583** CYO KU WA **30/04/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI, USHINZWE KUGURISHA INGWATE **Me MUKARUREMA SHADIA** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'UBUTAKA BWUBATSEMO INZU UFITE **UPI: 5/02/04/05/4232** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA NYABIKIRI , AKAGARI KA NYABIKIRI, UMURENGE WA KABARORE AKARERE KA GATSIBO INTARA Y'IBURASIRAZUBA .UFITE UBUSO BUNGANA NA **3,344 M²** UWO MUTUNGO UKABA UFITE AGACIRO K'AMAFARANGA Y'URWANDA **6,000,000FRW**

**CYAMUNARA KUNSHURO YAGATATU IPIGANWA RIZAKOMEZA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA,KU WA 21/06/2025 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H ) RIRANGIRE KUWA 28 /06/ 2025 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H )**

ABIFUZA GUPIGANWA MURI IYI CYAMUNARA BAGOMBA KWIYANDIKISHA KURUBUGA RWA CYAMUNARA ARIRWO www.cyamunara.gov.rw KANDI BAKWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA **5%** BY'AGACIRO KOSE K'UMUTUNGO WAVUZWE HARUGURU INGANA N'AMAFARANGA Y'U RWANDA **300,000 FRW YISHYURWA UNYUZE KURUBUGA RWA CYAMUNARA** www.cyamunara.gov.rw

GUSURA INGWATE IGURISHWA BIKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NOMERO ZA TELEFONE IGENDANWA 0788629940

IFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA ARIRWO www.cyamunara.gov.rw

UZEGUKANA UWO UMUTUNGO MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI N° **102043823150001** IRI MURI VISION FUND RWANDA LTD YANDITSE KU MAZINA YA **MUKARUREMA Shadia.**

**BIKOREWE I KIGALI KU WA 20/06/2025**

**Me MUKARUREMA Shadia**

**USHINZWE KUGURISHA INGWATE**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO**

Ishuri rya FAWE Girls school GAHINI riherereye mu karere ka Kayonza ririfuza gutanga isoko ry'umwaka w'amashuri wa 2025-2026 riteye ku buryo bukurikira:

Lot 1: Isoko ryo kudoda uniform z'abanyeshuri

Abifuza gupiganira iryo soko bazasanga udutabo dukubiyemo amabwiriza ayagenga mubunyamabanga bw'ishuri guhera kuwa 25/06/2025 kuminsi yakazi bamaze kwishyura amafranga ibihumbi icumi (10,000Frw) kuri konti y'ishuri 00057-00300403-58 iri mu bank ya Kigali (BK)

Abapiganwa bazageza amabahasha afunze neza mu bunyamabanga bw'ishuri bitatarenze ku tariki ya 07/07/2025 saa tatu n'igice za mugitondo (10:00). ku ibahasha hagomba kuba handitseho izina ryishuri n'isoko upiganira,harimo igitabo cy'umwimerere na copies ebyiri.

Amabahasha azafungurwa ku mugaragaro kuri uwo munsi tariki ya 07/07/2025 I saa yine(10:30) Za mugitondo

Bikorewe I Gahini ku wa 17/06/2025

Sr Felicite MUKASHEMA

Umuyobozi w'ishuri

# Element Eleeeh agiye gutarama muri Rwanda convention

**Mutetetazina Shifah**

***Umuhanzi akaba n'umwe mu bahanga mu gutunganya imiziki Element Eleeeh yongewe mu bahanzi bazaririmba mu gitaramo cyiswe Rwanda Convention.***

Rwanda Convention USA ni igitaramo kizabera muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, kuva tariki 4-6 Nyakanga 2025.

Ni ibyatangajwe na Element Eleeeh abimyujije ku mbuga nkoranyambaga ateguza abazakitabira ko azakigaragaramo.

Element yasangije integuza igaragaza ifoto ye yashyize hanze n'abategura icyo gitaramo ayiherekeresha amagambo ateguza abakunzi be.

Yanditse ati:" Dalas Texas, tubonane ubwo nzaba mpageze."

Uretse Element Eleeeh ni igitaramo kizagaragamo abandi bahanzi barimo Masamba Intore, The Ben, Meddy n'abandi.

Ni ibirori byateguwe na sosiyete 'Afro Hub Entertainment' ku bufatanye n'Abanyarwanda baba muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, hamwe n'ubuyobozi bwa Ambasade y'u Rwanda muri icyo gihugu, bikazaberamo ibikorwa bitandukanye birimo igitaramo kizabimbura bise "Kwibohora Celebration, Rwanda Convention USA, ari nacyo The Ben azaririmbamo, mu gice cyiswe Hobe Night kizarangwa n'umugoroba wo gusabana, gusangira no kwidagadura, uzahuza Abanyarwanda n'inshuti zabo.

Biteganyijwe ko ibyo bitaramo bizaba guhera tariki 4-6 Nyakanga 2025, bikazabera muri Dallas-Fort Worth, mu rwego rwo kwifatanya n'Abanyarwanda bo muri Amerika kwizihiza umunsi mukuru wo kwibohora, nk'uko mu Rwanda wizihizwa tariki 4 Nyakanga za buri mwaka.



**Element Eleeeh agiye kongera guhurira na The Ben ku rubyiniro nyuma y'igitaramo y'icyabereye Uganda**



**Umuhanzi Tom Close**

# *Tom Close yanyomoje ibyo guhurira na Tuff Gang mu ndirimbo 'Cana Itara*

**'MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi Tom Close yateguje indirimbo yise Cana Itara, ahakana iby'uko yaba izagaragaramo itsinda rya Tuff Gang.***

Yifashishije urubuga rwe rwa X, uyu muhanzi yasabye abakunzi b'ibihangano bye kwitegura kwakira indirimbo 'Cana Itara'.

Yanditse ati: "Indirimbo Cana Itara irabageraho vuba."

Aganira n'Imvaho Nshya, Tom Close yirinze cyane kugira byinshi avuga kuri iyi ndirimbo, ariko anyomoza amakuru yavugaga ko yaba irimo itsinda rya Tuff Gang.

Yagize ati: "Ntabwo namara abantu amatsiko. Indirimbo izasohoka vuba, 'Cana Itara' nayikoranye na Green P hamwe na P Fla."

Avuze ibi nyuma y'uko hashize iminsi hari umunyamakuru ugaragaje ko uyu muhanzi nta buhanga afite uretse ko hari abamutaka ibigwi adafite, ibyo umugore we n'abakunzi be muri rusange bamaganiye kure.

Icyakora abajijwe niba bitafatwa nka agakino kapanzwe mu rwego rwo gutegurira iyo ndirimbo yirinze kugira icyo abivugaho.

Ati: "Ibivugwa ntacyo nabivugaho."

Abajijwe uko abantu bafata ibyamuvuzweho yagize ati: "Simbizi."

Tom Close ateguje iyi ndirimbo nyuma y'iyo yise 'Agaca' yahuriyemo n'abarimo Jay C na Khalifan Govinda, ikubiyemo ubutumwa bubuza abantu kwita ku magambo abaca intege.





# REG VC na Police WVC zegukanye Irushanwa ryo Kwibuka 31

**SHEMA Ivan**

***Ikipe ya REG VC yatsinze Chema VC yo muri Kenya mu bagabo, Police WVC itsinda Rwanda Revenue Authority mu bagore zombi zegukana Irushanwa ryo Kwibuka ku nshuro ya 31 abakinnyi, abatoza, abayobozi n'abakunzi b'Umukino wa Volleyball bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Iri rushanwa ryari rimaze iminsi itatu ryasojwe ku Cyumweru tariki ya 22 Kamena 2025, ryitabiriwe n'amakipe 21 arimo ayo mu Rwanda, Kenya na Uganda, mu bagabo n'abagore.

Mu bagabo ryitabiriwe n'amakipe 11 ari yo Gisagara VC, Kepler VC, REG VC, APR VC, Police VC n'Ikipe y'Igihugu y'abatarengeje imyaka 21, Chazpir VC na Sky VC zo muri Uganda na Sikr VC, KPA na Chema VC zo muri Kenya.

Mu bagore iri rushanwa ryitabiriwe n'amakipe 10 ari yo APR, Police, RRA, East Africa University na Kepler WVC, KCB Nkumba, Ndejje Elite na Vision VC zo muri Uganda ndetse na Sikri VC na Pipeline VC zo muri Kenya.



**Police WVC yatsinze Rwanda Revenue Authority 3-1**

Iyi mikino yakiniwe ku bibuga bibiri ari byo NPC na Petit Stade muri ½ cy'irangiza mu bagore Rwanda Revenue Authority yasezereye Kepler WVC amaseti 3-2 (25-22,23-25,25-23,18-25, 16-14) mu gihe Police WVC yongeye gutsinda APR WVC amaseti 3-1 (16-25, 25-18, 18-25, 23-25) zombi zigera ku mukino wa nyuma.

Mu bagabo, REG VC yo mu Rwanda yasezereye Chazpir VC iyitsinze amaseti 3-0 (25-16, 16-25, 17-25, 23-25).

Imikino ya nyuma yabereye muri Petit Stade kuri iki Cyumweru, Ikipe ya Police WVC yatsinze Rwanda Revenue Authority amaseti 3-1 ( 25-15, 22-25, 25-15, 27-25), yegukana igikombe cy'irushanwa ryo kwibuka kiyongera ku cya Shampiyona y'icyiciro cya mbere.

Umukino wa nyuma mu bagabo wari witezwe wahuje REG VC yo mu Rwanda yatsinze Chema VC yo muri Kenya amaseti 3-1(18-25, 27-25, 25-22, 25-18) yegukana igikombe cy'irushanwa ryo Kwibuka muri Volleyball y'abagabo ku nshuro ya kabiri mu mateka.

Iyi kipe y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ingufu yaherukaga iki gikombe mu 2022 itsinda Gisagara VC ku mukino wa nyuma amaseti 3-2.

Mbere y'uko iyi mikino itangizwa, habanzaga gufatwa umunota wo kwibuka ku nshuro ya 31 abakinnyi n'abakunzi b'umukino wa Volleyball bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994.

Irushanwa nk'iri umwaka ushize rikaba ryari ryegukanywe na Police VC mu bagabo mu gihe mu bagore ikipe ya APR WVC ari yo yari yaryegukanye.




**REG VC yegukanye irushanwa ryo Kwibuka 31 mu bagabo**

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-18 TARIKI 17 - 23 KAMENA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Abakanyujijeho muri ruhago y'u Rwanda banyagiye Uganda mu mukino wa gishuti

**SHEMA Ivan**

***Ikipe y'abakanyujijeho mu Ikipe y'Igihugu 'Amavubi' yanyagiye aba Uganda ibitego 5-0 mu mukino wa gishuti ugamije kurushaho gushimangira umubano uri hagati y'ibihugu byombi.***

Uyu mukino wabaye ku wa Gatandatu tariki ya 21 Kamena 2025, kuri Kigali Pele Stadium witabirwa na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda, Amb. Olivier Nduhungirehe n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ya Siporo, Uwayezu François Régis.

U Rwanda rwatangiye neza umukino rusatira izamu rya Uganda binyuze ku mipira yahindurwaga imbere y'izamu na Sibomana Abdul ntibyazwe umusaruro.

Ku munota wa 18, abakanyujijeho b'u Rwanda babonye uburyo bw'igitego ku mupira waherekanywe neza n'abarimo Haruna Niyonzima, Ngabo Albert, Ntamuhanga Tomaine imbere y'izamu ariko myugaruro wa Uganda Wahab aratabara.

Ku munota wa 30, U Rwanda rwakoze impinduka Karim Kamanzi asimburwa na Lomami André Fils, Nshimiyimana Eric asimburwa na Annaur Kibaya.

Ku munota wa 40, Sibo Abdul yateye coup franc nziza, umupira ugarurwa nabi n'ubwugarizi bwa Uganda usanga



**Haruna Niyonzima na we yagaragaye muri uyu mukino**

Ngabo Albert ahagaze neza maze atera ishoti rikomeye umupira ujya mu rushundura.

Igice cya mbere cy'umukino wa gicuti w'abakanyujijeho mu Ikipe y'Igihugu n'abakiniye Uganda, cyarangiye Amavubi yatsinze Uganda Cranes igitego 1-0.

Igice cya kabiri cyatangiranye impinduka ku Rwanda Mugiraneza Miggy na Nshizirungu Hubert Bebe binjira mu kibuga basimbura Sibo Abdul na Mateso Jean De Dieu.

Bidatinze ku munota 53, Lomami Andre yatsinze igitego cya kabiri ku ruhande rw'u Rwanda ku mupira yahawe na Ntamuhanga Titi.

Ku munota wa 57, Lomami Andre yinjiranye umupira imbere y'izamu rya Uganda awuha Nshizirungu Hubert Bebe wari wenyine ahita atera ishoti rikomeye ryavuyemo igitego cya kabiri cy'amavubi. Nyuma y'iminota ine, Nyandwi Idrissa yatsinze igitego cya kane ku mupira yahawe na Lomami.

Nyuma yo gutsindwa ibitego bine, Uganda yatangiye gusatirana imbaraga ishaka igitego ariko ab'inyuma b'u Rwanda nka Migi na Titi bakomeza guhagara neza.

Ku munota wa 87, Muhawenimana Théoneste yazamukanye umupira yihuta acenga cyane atsinda igitego cya gatanu.

Umukino warangiye abakanyujijeho b'u Rwanda banyagiye Uganda ibitego 5-0.

Amakipe yombi yaherukaga gukina mu myaka icyenda ishize icyo gihe nabwo u Rwanda rwatsinze Uganda ibitego 5-3.

Amavubi yari yabanjemo Ndayishimiye Eric Bakame, Rucogoza Aimable, Niyonshuti God, Enzo Ikumba, Ngabo Albert, Haruna Niyonzima, Sibo Abdul, Eric Nshimiyimana Karim Kamanzi, Ntamuhanga Tumanine na Mateso Jean de Dieu.



**Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Olivier Nduhungirehe asuhuza abakinnyi b'u Rwanda mbere y'umukino**